# Imvaho Nshya

*Soma Usobanukirwe Buri Munsi*

NO .E-48 TARIKI 13 - 19 MUTARAMA 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw








AMAKURU


Perezida Kagame yasezeye kuri Amb. wa Amerika wasoje imirimo ye



4

AMAKURU

Gakenke: Ubworozi bwafashije kurwanya imirire mibi iva kuri 33,3% igera kuri 26%



11

AMAKURU


Ingabo z'u Rwanda zakiranywe urugwiro muri Jamaica



13

MU NTARA

Gatsibo: Ku myaka 42 yiga mu mashuri yisumbuye agambiriye kuminuza



16


# Capt Mwiza Ariane yakabije inzozi yisanga atwara indege mu Ngabo z'u Rwanda

KAMALIZA Agnes

***Captain Mwiza Ariane umaze imyaka 12 mu Ngabo z'u Rwanda (RDF), avuga ko aterwa ishema no kuba yarakabije inzozi yakuranye ubu akaba atwara indege muri RDF, aho afatanya n'abandi kurinda umutekano n'ubusugire bw'Igihugu.***

Capt. Mwiza w'imyaka 31 y'amavuko, akora inshingano zitandukanye muri RDF, akaba yararangije amasomo y'ibyerekeranye no gutwara indege muri Werurwe 2016 mu kigo cya Akagera Aviation.

Yabaye umwe mu banyeshuri batsinze neza, akaba yarize amashuri yisumbuye muri Lycée Notre Dame de Citeaux ndetse aminuza mu byerekeranye n'Imibanire y'Ibihugu (International

KOMEZA KU RUP.3

# Impamvu Perezida Kagame yitabiriye irahira rya Mamadi Doumbouya



**Perezida Paul Kagame, yitabiriye umuhango w'irahira rya Perezida wa Guinea Conakry Mamadi Doumbouya**

NTAWITONDA Jean Claude

***Ku wa Gatandatu tariki ya 17 Mutarama 2026, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame, yitabiriye umuhango w'irahira rya Perezida wa Guinea Conakry Mamadi Doumbouya wabereye kuri Sitade yabLansana Conté iherereye mu Murwa Mukuru Conakry.***

Kwitabira ibyo birori bifite igisobanuro gikomeye mu mubano n'ubutwererane bw'ibihugu byombi bitanga umusaruro mu nzego zitandukanye, hagamije kwihutisha iterambere risangiwe.

U Rwanda na Guinea Conakry bifitanye umubano mwiza kandi ugenda wiyongera mu nzego zitandukanye, cyane cyane kuva mu myaka ya vuba.

KOMEZA KU RUP.3



Perezida Paul Kagame yakiriye ba Ambasaderi babiri bashya, uwa Qatar n'uw'u Buyapani

# Perezida Kagame yakiriye impapuro za ba Ambasaderi b'u Buyapani na Qatar

SHEMA Ivan

***Perezida Paul Kagame yakiriye ba Ambasaderi babiri bashya, ari bo uw'u Buyapani na Qatar, bose bashimangira ko bazakomeza guteza imbere inyungu z'ibihugu byabo n'u Rwanda.***

Ba ambasaderi bashya bashyikirije Perezida Kagame impapuro zibemerera guhagararira ibihugu byabo mu Rwanda, ku gicamunsi cyo ku wa Gatatu, tariki ya 14 Mutarama 2026.

Ambasaderi mushya w'u Buyapani mu Rwanda, Kazuya Nakajo, yavuze ko azibanda ku gushimangira umubano usanzwe hagati y'ibihugu byombi hibandwa mu bijyanye no guhanahana ubumenyi, ubucuruzi n'ishoramari.

Ati: "Niyemeje kwagura umubano w'u Buyapani n'u Rwanda mu nzego zose uhereye mu bukungu, ubucuruzi, umuco no guhanahana ubumenyi ku baturage bacu."

Ibihugu byombi bisanganywe ubufatanye mu iterambere, ubukungu, uburezi, ikoranabuhanga, ubuzima, ubucuruzi n'ishoramari n'ubufatanye mu bya dipolomasi n'ibindi.

Ambasaderi wa Qatar Mansour Ali Fahad Al-Shahwani Al-Hajri azaba afite icyicaro I Kigali

Ambasaderi mushya wa Qatar mu Rwanda ni Mansour Ali Fahad Al-Shahwani Al-Hajri, yasimbuye Misfer bin Faisal Al-Shahwani witabye Imana muri Nyakanga 2024.

Ambasaderi wa Qatar mu Rwanda, Mansour Bin Ali Fahad Al Shahwani Al Hajri, yavuze ko azita ku guteza imbere ubufatanye busanzweho mu nzego z'iterambere, ishoramari n'ibikorwa remezo.

Ati: "Kugeza ubu tugiye kwita cyane mu kurangiza ibikorwa n'imishinga y'ishoramari twatangiye muri yo harimo iyubakwa ry'Ikibuga cy'Indege gishya cya Kigali n'iryo mu bwikorezi bwo mu kirere."

Umubano w'u Rwanda na Qatar umaze imyaka irenga 20 warenze kuba ubushuti busanzwe uhinduka ubuvandimwe nkuko bishimangirwa n'abayobozi b'ibihugu byombi.

Ni umubano ukomeza gukura buri munsi ndetse umusaruro ukagaragarira mu nzego zitandukanye ibihugu byombi bifatanyamo zirimo; zirimo ishoramari, ubukerarugendo, ubwikorezi n'ingendo zo mu kirere, ubukungu n'ubucuruzi, ubuhahirane, ubukerarugendo n'umuco, umutekano n'ibindi.

Kuva mu 2023, Qatar yatangiye ubuhuza mu biganiro bigamije kunga u Rwanda na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo ndetse muri Werurwe 2025, itera intambwe yo guhuza Perezida Paul Kagame w'u Rwanda na Félix Tshisekedi wa RDC.

Icyo gihugu kandi cyakomeje kugira uruhare mu biganiro hagati y'u Rwanda na RDC ndetse cyagejeje ku isinywa ry'amasezerano y'amahoro hagati y'ibihugu byombi yasinyiwe i Washington muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika mu Ukuboza 2025.

Mu rwego rwo gushimangira uwo mubano kandi abayobozi b'ibihugu byombi baragenderana aho urugendo ruheruka ari urwo Umuyobozi w'Ikirenga wa Qatar, Sheikh Tamim bin Hamad Al Thani, aherutse kugirira mu Rwanda mu Ugushyingo 2025.

Urwo ruzinduko rw'iminsi ibiri rwasize Perezida w'u Rwanda, Paul Kagame amugabiye inka ku mugararagaro nk'icyimenyetso cy'ubushuti n'ubwubahane.

# Kigali: Parklane Center, umuturirwa w'amagorofa 25 uzatwara miliyari hafi 100 Frw

NTAWITONDA Jean Claude

***Kigali Convention Centre yungutse umuturanyi muremure"; Ubwo ni ubutumwa bw'Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ibikorwa Remezo (MININFRA) Amb. Uwihanganye Jean de Dieu, wasazwe n'ibyishimo nyuma yo gushyira ibuye ry'ifatizo ahagiye kubakwa umuturirwa w'amagorofa 25 ufite ubuhagarike bwa metero 140.***

Umuhango wo gushyira ibuye ry'ifatizo ahagiye kubakwa uyu muturirwa witezweho gutwara miliyoni 62.5 z'amadolari ya Amerika, hafi miliyari 100 z'amafaranga y'u Rwanda, wabaye ku wa Gatanu tariki ya 16 Mutarama 2026 unitabirwa n'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali Dusengiyumva Samuel.

Uyu muturirwa ugiye kubakwa nk'inyongera ya Kigali Convention Centre, uzaba ari akataraboneka ukaba n'amahirwe yo gukomeza guhindura isura y'Umujyi wa Kigali, kongera ishoramari no guhangira imirimo ibihumbi by'abaturage b'u Rwanda.

Biteganywa ko uzaba ufite pisine ku igorofa ya 10, ukazaba unafite ibice byagenewe gukodesha abashaka kuhakoresha nk'ibiro, abahacururiza ndetse n'abahifashisha mu bikorwa byo kwakira abantu n'ubukerarugendo.

MININFRA ivuga ko kandi ko azaba ari ingirakamaro mu kongerera imbaraga icyanya Convention Centre iherereyemo gifatwa nk'icyahariwe kwakira inama n'ibindi bikorwa mpuzamahanga.

Uyu muturirwa na wo uzaba utangirwamo serivisi zinyuranye zirimo kwakira inama mpuzamahanga n'ibindi bikorwa, korohereza abanyacyubahiro kubona aho bakorera ibikorwa byabo hahambaye kandi hajyanye n'ubushobozi bwabo.

Ni inyubako yitezweho gukurura abashoramari banyuranye, bikarushaho kongerera Kigali ubushobozi bwo kuba igicumbi cy'ubucuruzi bugezweho ku rwego mpuzamahanga.

Nanone kandi iyo nyubako izagira uruhare rukomeye mu gukururira ba mukerarugendo bahenze gusura u Rwanda, kuko bazaba bafite aho baruhukira ho ku rwego ruhanitse.

Iyi nyubako yatangiye kubakwa ku bufatanye bw'Urwego rw'Iterambere mu Rwanda (RDB) na Parklane Group, ku bufatanye n'ikigo cy'ubwubatsi Mota-Engil Africa kimaze gushinga ibirindiro mu bwubatsi bw'ibikorwa remezo bigezweho ku mugabane wa Afurika.



Hagiye kubakwa umuturirwa nk'inyongera ya Kigali Convention Centre w'amagorofa 25





# Capt Mwiza Ariane yakabije inzozi yisanga atwara indege mu Ngabo z'u Rwanda

IBIKURIKIRA URUP.1

Relations).

Mu kiganiro na RBA, Capt. Mwiza yagaragaje ko yabyirutse akunda gutwara indege ariko akumva n'amateka agaragaza uburyo Ingabo z'u Rwanda zabohoye Igihugu, bimutera ishyaka ryo kugera ikirenge mu cyabo.

Avuga ko akazi yifuzaga muri urwo rugendo ari ugutwara indege ari na byo byatumye yiga amasomo ajyanye na siyansi, nyuma yo kuyatsinda neza ahita afata umwanzuro wo kujya mu gisirikare cy'u Rwanda.

Yagize ati: "Zari inzozi nagize kuva nkiri muto aho nifuje gufatanya na basaza bacu na bakuru bacu babohoye Igihugu nanjye numva naza nkafatanya na bo muri ako kazi, nifuza kuba umupilote mba ari byo niga."



Cpt Mwiza Ariane yakabije inzozi zo kuba Umupilote, ubu atwara indege z'Ingabo z'u Rwanda

Capt. Mwiza yishimira kuba ari Umunyarwandakazi ufite agaciro mu Ngabo z'u Rwanda kandi ukora neza akazi ashinzwe atirengagije no kuzuza inshingano zo mu rugo.

Ashimangira ko kugira ngo ibyo byose bigende neza bisaba ikinyabupfura no kumenya gukoresha neza igihe kandi agahora yihugura kugira ngo yunguke ubumenyi cyane ko Isi iri kugendera ku muvuduko uri hejuru mu ikoranabuhanga.

Yagize ati: "Kuba umusirakare mwiza bisaba ikinyabupfura mu kazi kandi kuba umupilote mwiza bisaba guhora wihugura kuko tekinoloji zihora zihinduka."

Ashimira Leta y'u Rwanda kuba itanga amahirwe angana ku bahungu n'abakobwa bakagaragaza ibyo bashoboye.

U Rwanda ni kimwe mu bihugu biri mu myanya y'imbere ku Isi mu gutanga amahirwe angana hagati y'abahungu n'abakobwa ndetse mu 2024, cyabaye icya mbere ku Isi mu kugira abagore benshi mu Nteko Ishinga Amategeko, aho bihariye 61,3%.

Capt. Mwiza ashimangira ko ayo mahirwe abakobwa batagomba kuyinemfaguza ahubwo bagafata iya mbere bagakora neza inshingano bafite.

Abasaba gutinyuka bakajya mu Ngabo z'u Rwanda kuko n'abazirimo bakora neza bigizwemo uruhare no gufashanya no gushyira hamwe.

Ku ruhande rwa RDF, ubuyobozi bugaragaza ko uruhare rw'abagore mu Ngabo z'u Rwanda rutuma inshingano zigerwaho kandi kuba bari mu nshingano zitandukanye ari ikimenyetso simusiga kigaragaza ko bafite ubushobozi bwo gukora imirimo nk'iya basaza babo.

Umuvugizi wungirije w'Ingabo z'u Rwanda Lt Col Simon Kabera, yagize ati: "Uruhare rwabo rutuma inshingano za RDF zo kurinda ubusugire n'umutekano w'Igihugu bigerwaho kandi mu buryo bwiza."

Lt Col Kabera yashimangiye ko kuba Capt Mwiza atwara indege za girikare bigaragaza ko n'izindi yazitwara kandi abagore na bo bafite ubushobozi mu mirimo itandukanye.

Ubu umubare w'abagore n'abakobwa bari mu Ngabo z'u Rwanda ugeze kuri 7.5%, ariko gahunda yo guteza imbere uburinganire yatangiye mu gihe cy'urugamba rwo kubohora Igihugu, aho abagore bagize uruhare rukomeye mu mirwano no mu zindi serivisi zijyanye n'urugamba.

# Impamvu Perezida Kagame yitabiriye irahira rya Mamadi Doumbouya

IBIKURIKIRA URUP.1

Ibihugu byombi bisangiye icyerekezo cyo guteza imbere Afurika binyuze mu kwigira no kwigenga mu byemezo.

Perezida Paul Kagame na Perezida Mamadi Doumbouya, bagaragaje ubushake bwo gukomeza gukorana bya hafi mu nyungu z'ibihugu byombi na Afurika muri rusange.

Ibihugu byombi byiyemeje gufatanya mu kubyaza umusaruro amahirwe y'ubukungu bihuriyeho n'ayo bitandukaniyeho.

Guinea ifite umutungo kamere mwinshi, cyane cyane bauxite, zahabu n'icyuma (Simandou Iron Ore Project), mu gihe u Rwanda rufite ubunararibonye mu micungire myiza y'imishinga, ikoranabuhanga n'iterambere ryihuse.

Ubufatanye ibihugu byombi bifitanye muri urwo rwego bushingiye ku kungurana ubumenyi mu micungire y'imishinga minini, guteza imbere ishoramari ry'abikorera, ubwikorezi n'ibikorwa remezo.

U Rwanda rushyigikira imishinga migari ya Guinea Conakry igamije guhindura umutungo kamere mo iterambere rirambye.

Ibihugu byombi bihuriye ku cyerekezo cyo kugira Afurika itekanye, cyane cyane mu guhangana n'iterabwoba n'umutekano muke mu bice bimwe by'Akarere ka Afurika y'Iburengerazuba, iyo Hagati n'ahandi.

U Rwanda, rufite izina rikomeye mu kubungabunga amahoro by'umwihariko mu butumwa bw'Umuryango w'Abibumbye, aho rufatwa nk'umufatanyabikorwa w'ingenzi mu kubungabunga amahoro n'umutekano.

U Rwanda na Guinea kandi bakorana mu muryango wa Afurika Yunze Ubumwe (AU/African Union) no mu zindi nzego mpuzamahanga, bakaba basangiye imyumvire yo gushimangira ijwi rya Afurika no kurwanya ivangura cyangwa igitutu kidafite ishingiro ku bihugu bya Afurika.

Uruzinduko rwa Perezida Kagame mu mpera z'iki cyumweru ni rumwe mu bigize gahunda yo kugenderana kw'Abakuru b'Ibihugu n'izindi ntumwa za Guverinoma, bifasha mu gushimangira icyizere no kurushaho kuganira ku kwagura amahirwe y'imikoranire.

Mu myaka ishize, ibihugu byombi byagiye bigirana ibiganiro bya Leta ku nzego zo hejuru, bisinyana amasezerano y'imikoranire (MoUs) agamije guteza imbere ubufatanye mu nzego zitandukanye.

Ku itariki ya 9 Ukwakira 2024, u Rwanda na Guinea Conakry basinye amasezerano menshi mu byiciro bitandukanye by'imikoranire mu rwego rwo gutangiza no kunoza umubano n'ubutwererane yongera amahirwe ku baturage b'ibyo bihugu byombi.

Ayo masezerano arimo aya rusange y'ubufatanye, kugena uburyo bwo kuganira kenshi ku byerekeye dipolomasi, ayo gukuriraho viza abatunze pasiporo z'akazi, ubufatanye mu buvuzi n'ubumenyi bw'ubuzima, igenamigambi n'imikoranire mpuzamahanga, n'ayo kurengera ibidukikije n'imicungire y'umutungo kamere.

Harimo kandi ay'ubwikorezi bwo mu kirere, ubufatanye mu by'ikoranabuhanga, ubukungu, ubucuruzi, ubukerarugendo, ubuhinzi, iby'ubukungu n'ishoramari, mu byo gucunga umutekano, ubutabera, imyuga n'amahugurwa y'abakozi, mu by'umuco, umutekano, ibikorwa remezo n'ibindi byinshi bihuza inzego z'ibihugu byombi.

Ku itariki ya 27 Mutarama 2025, Minisitiri w'Umutekano mu Rwanda Dr Vincent Biruta n'intumwa ya Guinea, basinye amasezerano y'ubufatanye mu by'umutekano n'uburinzi bw'abaturage, agamije guhuriza hamwe imbaraga mu kubungabunga umutekano w'abaturage mu bihugu byombi.

# Perezida Kagame yasezeye kuri Amb. wa Amerika wasoje imirimo ye

SHEMA Ivan

***Perezida Paul Kagame, yasezeye kuri Ambasaderi wa Leta Zunze Ubumwe za Amerika, Eric William Kneedler, wasoje imirimo yo guhagararira igihugu cye mu Rwanda.***

Ni amakuru yatangajwe kuri uyu wa Kabiri, tariki ya 13 Mutarama 2026 n'Ibiro by'Umukuru w'Igihugu mu itangazo ryanyujijwe kuri X.

Ni itangazo ryagiraga riti "Kuri iki gicamunsi muri Village Urugwiro, Perezida Paul Kagame yakiriye Ambasaderi wa Amerika mu Rwanda, Eric William Kneedler ubwo yari arangije urugendo rwe rwo guhagararira icyo gihugu mu Rwanda."



Perezida Paul Kagame yasezeye kuri Ambasaderi wa Leta Zunze Ubumwe za Amerika mu Rwanda, Eric Kneedler ucyuye igihe

Mu gitondo cyo ku wa 13 Mutarama, yari yasezeweho na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga, Amb. Olivier Nduhungirehe amushimira uruhare rwe mu gukomeza guteza imbere mubano w'Ibihugu byombi.

Mu Ukwakira 2023, ni bwo Amb. Eric William Kneedler yatanze impapuro zimwemerera guhagararira Leta Zunze Ubumwe za Amerika mu Rwanda asimbuye Peter Vrooman, woherejwe guhagararira iki gihugu muri Mozambique.

Uyu mugabo ari mu badipolomate 29 baheruka guhamagazwa n'ubutegetsi bwa Perezida Donald Trump.

U Rwanda na Leta zunze Ubumwe za Amerika ni ibihugu bisanzwe bifitanye umubano mwiza aho Leta Zunze Ubumwe z'Amerika zisanzwe zishyigikira iterambere ry'u Rwanda mu bijyanye n'ubuzima, uburezi, ubukungu no guteza imbere imiryango itegamiye kuri Leta n'ibindi.

Mu Ukuboza 2025, ibihugu byombi byasinyanye amasezerano y'ubufatanye mu guteza imbere urwego rw'ubuvuzi bwifashisha ikoranabuhanga, kugira ngo rukore mu buryo bugezweho, afite agaciro k'amafaranga y'u Rwanda asaga miliyari 328.

Amerika yagize uruhare runini mu isinywa ry'amasezerano y'amahoro n'ubukungu ya Washington hagati y'u Rwanda na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo agamije gukemura ibibazo by'umutekano muke mu Burasirazuba bwa RDC.

Ibihugu byombi Kandi bifitanye andi masezerano arimo ay'ubufatanye mu by'ikirere, yashyizweho umukono mu mpera za 2022.

# Ngoma: MINUBUMWE yasabye Inkomezabigwi gusigasira ibyagezweho

NYIRANEZA Judith

***Mu Karere ka Ngoma hatangijwe Urugerero rw'Inkomezabigwi icyiciro cya 13, rwitabiriwe n'urubyiruko rwarangije amashuri yisumbuye mu mwaka wa 2024/2025, aho Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu yabasabye gusigasira ibyagezweho.***

Ni igikorwa cyabereye mu Turere twose, ku rwego rw'Igihugu, gitangirizwa mu Karere ka Ngoma mu Murenge wa Murama, ku wa Kabiri tariki 13 Mutarama 2026, kitabiriwe n'urubyiruko n'abayobozi barimo Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, Eric Mahoro.

Yatanze ikiganiro ku mateka y'Itorero mu Rwanda n'uruhare rwaryo mu kubaka Igihugu.

Yagize ati: "Itorero ritangirana n'umurage wa Gihanga ariko rikaba ryarubatse imiterere n'imikorere yaryo ku Ngoma y'Umwami Ruganzu I Bwimba; kuva ubwo riba ishuri Abanyarwanda batorezwamo imico myiza yatumaga bashobora kubahana.

Kubana neza, kubana mu mahoro no gusobeka Ubumwe. bagatozwa gukunda umurimo, gukunda u Rwanda no kururwanira ishyaka, kugeza riciwe n'abakoloni b'Ababiligi mu mwaka wa 1924, barisimbuza amashuri yigishirizwagamo ubumenyi bujyanye n'ibyo bari bakeneye."




Umunyamabanga Uhoraho muri MINUBUMWE, Eric Mahoro yibukije Inkomezabigwi kwimakaza indangagaciro na kirazira

Yibukije urubyiruko ko Itorero ryagaruwe mu Rwanda na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul Kagame ku wa 16 Ugushyingo 2007, abasaba kuzirikana inyigisho bazakura mu Itorero no ku Rugerero

Ati: "Inyigisho muhabwa aha muzirikane ko zizabafasha kubungabunga amateka y'Igihugu, bityo bikarinda abayatoba; kwimakaza indagaciro na kirazira bibafasha kurinda no kubungabunga ibyagezweho; no kurangwa n'amahitamo meza agamije kubaka u Rwanda rwiza twifuza."

Mu gutangiza Urugerero rw'Inkomezabigwi icyiciro cya 13 ku rwego rw'Igihugu, Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba, Pudence Rubingisa yasabye Intore kuzarangwa n'umwete mu bikorwa by'Urugerero byatoranyijwe n'Inzego z'ibanze bigamije iterambere n'imibereho myiza y'abaturage.

Ibyo bikorwa birimo kubakira abatishoboye, guharura imihanda y'imigenderano, gukora uturima tw'igikoni, ndetse no mu bukangurambaga butandukanye bazagiramo uruhare burimo isuku n'isukura, kurwanya igwingira n'imirire mibi, guhugura abaturage ku mikoreshereze y'ikoranabuhanga, n'ibindi.

Umwe mu batangiye urugerero yavuze ko ari umwanya mwiza wo kwiga indangagaciro na kirazira.

Yagize ati: "Ni urubuga rw'amahirwe tugiye kubona nk'urubyiruko, nkaba namenye ko mu Itorero habamo kwigishwa indangagaciro ndetse na kirazira.

Twasobanuriwe ko mu Itorero tuzatozwa ukuntu dukora imirimo itandukanye ifasha Igihugu cyacu harimo nko kubaka neza imihanda, uturima tw'igikoni, gufasha abatishoboye no gusibura imihanda, ibyo bizafasha igihugu mu iterambere rirambye."

Undi yavuze ko nk'umunyarwandakazi ari uruhe ruhare yagira ngo buri umuntu wese wamubona abone ko ari Umunyarwandakazi.

Yagize ati: "Mu Itorero twigiramo ibintu bitandukanye nk'indangagaciro, gukunda Igihugu, gushyira hamwe, gufasha abatishoboye n'ibikorwa tuzajya jya tugenda dukora kandi tugenda twungurana ubumenyi."

Urugerero ni gahunda ya Leta ifasha Abanyarwanda kwikemurira ibibazo binyuze mu kubatoza indangagaciro zibaranga cyane cyane mu rubyiruko, rugakora ibikorwa byiza kandi rubikorera aho rutuye, baharanira gukunda Igihugu no kugiteza imbere no kurangwa n'ubumwe n'ubwitange.







U Rwanda rwohereje ingabo muri Jamaica gutanga ubufasha mu gusana ibikorwa remezo

# U Rwanda rwohereje ingabo muri Jamaica gusana ibikorwa remezo

UBWANDITSI

***Ingabo z'u Rwanda (RDF) zohereje itsinda ry'abasirikare b'inzobere mu bwubatsi muri Jamaica, mu rwego rwo gufasha icyo gihugu gusana ibikorwa remezo byangijwe n'ibiza byatewe n'inkubi y'umuyaga wiswe 'Hurricane Melissa', wibasiye Jamaica mu mpera z'umwaka ushize ukangiza byinshi.***

Abo basirikare boherejwe muri icyo gihugu hashingiwe ku masezerano y'ubufatanye hagati ya Leta y'u Rwanda na Jamaica, agamije gutanga ubufasha mu gusana ibikorwa remezo byangijwe n'ibiza.

Mbere yo guhaguruka mu Rwanda ku wa 14 Mutarama 2026, Umuyobozi wa Diviziyo ishinzwe gukoresha imodoka z'intambara muri RDF, Brigadier General Faustin Tinka wari uhagarariye Umugaba Mukuru w'Ingabo z'u Rwanda yabibukije ko bagomba gukoresha ubumenyi, ubunyamwuga n'ubuhanga bafite kugira ngo barangize neza ubutumwa bahawe n'ubuyobozi bwa RDF.

Uyu muyobozi kandi yabasabye gukora ku buryo abaturage bazahabwa ubu bufasha bazishimira umusanzu wabo, kandi bagaharanira kurangwa n'indangagaciro za RDF zirimo ikinyabupfura, nk'ishingiro ry'imikorere y'Ingabo z'u Rwanda.

Yagize ati: "Ni izi ndangagaciro zatumye muhabwa ubu butumwa." Yabibukije ko igihe cyose bakwiye kurushaho kurangwa n'indangagaciro za RDF."

Inkubi y'umuyaga wiswe 'Hurricane Melissa' yibasiye ibirwa bya Karayibe mu mpera z'Ukwakira 2025, igira ingaruka zikomeye muri Jamaica, byatumye hatangizwa ibikorwa bigari by'ubutabazi mu gihe igihugu kiri guhangana no kongera kwiyubaka.

# Perezida Museveni yongeye gutorerwa kuyobora Uganda



Perezida wa Uganda, Yoweri Kaguta Museveni yongeye gutsinda amatora ku majwi 71.65%

ZIGAMA Theoneste

***Perezida usanzwe ku butegetsi muri Uganda, Yoweri Kaguta Museveni, yongeye gutsinda amatora y'Umukuru w'Igihugu n'amajwi 71.65%, mu matora yabaye tariki ya 15 Mutarama 2026.***

Ibi byatangajwe ku wa Gatandatu na Simon Byabakama Mugenyi, Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, nyuma y'ibarura rya nyuma ryaturutse muri site z'amatora zirenga 50 000 ryari rirangiye.

Mu gihe cyose ibarura ry'amajwi ryatangiye ku wa Gatanu, Perezida Museveni yakomeje kuyobora ku majwi menshi ugeranyije n'abo bari bahanganye.

Nk'uko ibyavuye mu matora byemejwe bigaragaza ko Museveni yagize amajwi 7 946 772, angana na 71,65% by'amajwi yose y'abatoye.

Umunyapolitiki utavuga rumwe n'ubutegetsi Robert Kyagulanyi, uzwi nka Bobi Wine, ni we wamukurikiye, n'amajwi 2 741 238, angana na 24,72%. Kyagulanyi yanze kwemera ibyavuye mu matora, avuga ko atanyuze mu mucyo.

Abitabiriye amatora mu gihugu hose banganaga na miliyoni 11,3 bingana n'ijanisha rya 52,5%, muri miliyoni 21,6 bari biyandikishije kuri lisiti y'itora.

# Maj Gen Nzabamwita yashyikirije Perezida Putin impapuro zo guhagararira u Rwanda

UBWANDITSI

***Ambasaderi Major General Joseph Nzabamwita yashyikirije Perezida w'u Burusiya, Vladimir Putin, impapuro zimwemerera guhagararira u Rwanda muri icyo gihugu.***

Ni igikorwa cyabaye ku wa Kane, tariki ya 15 Mutarama 2026, i Moscou ku ngoro y'Umukuru w'igihugu y'u Burusiya (Kremlin).

Gen Maj Nzabamwita yagenwe ku mwanya wa Ambasaderi w'u Rwanda mu Burusiya tariki ya 20 Ukuboza 2024. Mbere yari umujyanama wa Perezida mu by'umutekano.

Yasimbuye Lt Gen Mushyo Kamanzi wari usanzwe ari Ambasaderi w'u Rwanda mu Burusiya kuva mu 2019. Yitezweho kugira uruhare rukomeye mu kongerera imbaraga umubano uri hagati y'ibihugu byombi.

Umubano w'u Rwanda n'u Burusiya watangiye ku mugaragaro tariki ya 17 Ukwakira 1963 ubwo u Burusiya bwari bukiri mu Bumwe bw'Abasoviyete, na rwo rumaze umwaka n'amezi atatu rubonye ubwigenge.

Uwo mubano ushingira ku bufatanye mu guteza imbere politiki, igisirikare, uburezi, gutyaza ubumenyi bw'abakozi ndetse no guteza imbere umuco w'ibihugu byombi.

Mu Ugushyingo 2024, ibihugu byombi byasinyanye amasezerano yo gukuraho visa z'abayobozi ndetse n'iza serivisi, mu rwego rwo koroshya imigenderanire hagati y'u Rwanda n'u Burusiya.



Maj Gen Nzabamwita yashyikirije impapuro Perezida w'u Burusiya, Vladimir Putin

# Ibiganiro hagati y'abishe n'abiciwe byavanyeho urwikekwe – Minisitiri Dr. Bizimana



Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, Dr Bizimana Jean Damascene

KAYITARE Jean Paul

***Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, Dr. Bizimana Jean Damascène, agaragaza ko nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, Guverinoma yashyizeho imirongo migari yatumye abishe n'abiciwe bagirana ibiganiro, bivanaho urwikekwe hagati yabo.***

Guteza imbere ubwiyunge, ubumwe n'ubudaheranwa by'Abanyarwanda, byanagizwemo uruhare n'imiryango itari iya Leta by'umwihariko Umuryango Prison Fellowship Rwanda (PFR) ukora ivugabutumwa mu magororero, hibandwa ku gushishikariza abafungiye ibyaha bya Jenoside kubohoka bagasaba imbabazi abo bahemukiye na bo bagakangurirwa gutanga imbabazi.

Minisitiri Dr. Bizimana yavuze ko Umuryango PFR na Leta y'u Rwanda bafitanye imikoranire myiza ishingiye ku kubumbatira ubumwe bw'Abanyarwanda kuva Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ihagaritswe.

Ni ingingo yagarutseho ku wa 14 Mutarama 2026, ubwo yagiranaga ibiganiro n'Umuyobozi Mukuru wa Prison Fellowship International (PFI), Andrew Corley, uri mu ruzinduko rw'akazi mu Rwanda.

Yagize ati: "PFR yakoze akazi keza kuko ni yo yatangiye ibikorwa byo guhuza abakoze Jenoside n'abayikorewe.

Abakoze Jenoside ntibashakaga kwemera uruhare rwabo, abiciwe na bo bafite ibikomere n'uburakari ariko PFR izana ibiganiro bibahuza byanatumye urwo rwikekwe rugenda rushira bibafasha gukira ibikomere."

MINUBUMWE igaragaza ko kugeza ubu mu Ntara y'Iburengerazuba n'Amajyepfo ari ho hari ibibazo kurusha ahandi bitewe nuko ariho Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yagize ubukana bwinshi.

Minisitiri Dr. Bizimana agaragaza ko ari yo mpamvu mu bikorwa MINUBUMWE igira, hashyirwa imbaraga mu kwigisha indangagaciro n'uko na Jenoside yagize uruhare mu gusenya izo ndangagaciro.

Zimwe mu ngamba zikenewe kuri PFR ni izo kwifashisha ubuhamya bw'abemeye uruhare rwabo muri Jenoside.

Ati: "Iyo basobanuye uburyo bayigizemo uruhare bifasha abato bakumva ko batabeshyerwa bikanabafasha kwicuza no gutandukana n'icyaha.

Abemera icyaha ni icyiciro cyiza cyo gukomeza gufatanya na bo, ibyo bifite akamaro kanini kubera ko abakoze Jenoside cyane cyane abahungiye mu mahanga, abari i Burayi, Canada, Congo, bakomeje gukwiza ingengabitekerezo bifashishije imbuga nkoranyambaga kandi birabororehera.

Iyo hifashishijwe ubuhamya bw'abakoze Jenoside birafasha."

Umuyobozi Mukuru w'Umuryango wa Gikirisitu uharanira Ubumwe n'Ubudaheranwa mu Rwanda, Prison Fellowhip Rwanda, Bishop John Rucyahana, yabwiye Imvaho Nshya ko abagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, batarumva urwo ruhare rwabo, nyuma y'imyaka 31 bafashwa kugira ngo bagire imitima mizima bakaba batarumva, ari uburwayi kandi ngo uburwayi bwose ntibukirira rimwe.

Agira ati: "Biriya bintu ni uburozi, imyaka 60 abantu bigishwa kwangana, bakora ibyo uzi bakoze, bakaba mu mitima yabo no mu bugingo bwabo barwana no gucirwa urubanza rw'ibyo binyoma noneho bigasa nk'aho byabaye mu bwonko, ari intambara tuvura atari igikorwa gusa ubu ahubwo tuba turwana n'ikimurimo dushaka guhandura muri wa muntu.

Ntabwo rero u Rwanda ruzacika intege gukomeza kwigisha ibyiza no kuvura abana barwo kandi twese ntituzakirira rimwe, turi mu rugendo."

Ubushakashatsi ku bumwe, ubwiyunge n'ubudaheranwa bukorwa buri nyuma y'imyaka itanu bwagaragaje ko ubumwe bw'Abanyarwanda ari 95.3% mu 2025.




U Rwanda rwongeye gutanga Madamu Louise Mushikiwabo nk'Umukandida wo gukomeza kuyobora OIF

# U Rwanda rwatanze Louise Mushikiwabo nk'umukandida ukomeza kuyobora OIF

ZIGAMA Theoneste

***Guverinoma y'u Rwanda yafashe icyemezo cyo kongera gutanga Madamu Louise Mushikiwabo nk'Umukandida wo gukomeza kuyobora Umuryango w'Ibihugu bikoresha Igifaransa (OIF) muri manda ya gatatu.***

Biteganywa ko uzakomeza kuyobora uyu muryango azamenyekanira mu Nama ya 20 ya OIF Itegerejwe kubera i Phnom Penh muri Cambodge mu mezi 10 ari imbere.

Nk'uko byashimangiwe na Jeune Afrique, Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Olivier Nduhungirehe, yabigarutseho mu kiganiro yanakomoje ku bibazo by'umutekano muke mu Karere k'Ibiyaga Bigari.

Manda ya kabiri ya Madamu Mushikiwabo nk'Umuyobozi wa OIF irasoza muri uyu mwaka ari na yo mpamvu kandidatire zatangiye gutegurwa kugeza mu mpera za Mata.

Madamu Louise Mushikiwabo, yongeye gutorerwa kuyobora uyu Muryango mu 2022 muri manda ya kabiri aho yari umukandida rukumbi kuri uwo mwanya.

Kuri iyi nshuro hari andi mazina yatangiye guhwihwiswa ko bashobora kuzahatana barimo na Michaëlle Jean wo muri Canada yasimbuye kuri uwo mwanya mu mwaka wa 2018.

Abandi bivugwa ko bashobora kuzahangana mu matora ni Augustin Nze Nfumu wo muri Guinée Equatoriale.

Mu gihe Louise Mushikiwabo yongeye gutorerwa mu Gushyingo uyu mwaka, azaba abaye Umunyamabanga Mukuru wa kabiri wa OIF ukoze manda eshatu, nyuma y'uwahoze ari Perezida wa Sénégal, Abdou Diouf.

Louise Mushikiwabo, yavutse ku wa 22 Gicurasi 1961, akaba ari Umunyamabanga Mukuru wa Kane wa OIF. Mbere yo kujya kuri uwo mwanya, yabaye Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane w'u Rwanda kuva mu 2009 kugeza mu 2018. Yanabaye Umuvugizi wa Guverinoma, ndetse mbere yaho yari Minisitiri w'Itangazamakuru.

Ku wa 12 Ukwakira 2018, ni bwo yatorewe bwa mbere kuyobora OIF muri manda y'imyaka ine, mu Nama Nkuru ya Francophonie yabereye i Yerevan muri Armenia, yongera gutorerwa gukomeza izi nshingano mu Ugushyingo 2022.





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

## Ijambo ry'Ibanze

# *Kwiyambura ubuzima kubera siporo ni uguhusha intego*

Siporo ni kimwe mu bigize imyidagaduro ifasha abayikora n'anabafana kuryoherwa n'ubuzima binyuze mu kugorora umubiri no gusigasira ubuzima buzira umuze, kurushaho kubungabunga ubuzima bwo mu mutwe, kubaka umubano w'abantu, kwagura amahirwe y'ishoramari no gukorera ibihembo.

Nyamara mu minsi yashize humvikanye umwe mu bakunzi b'ikipe y'umupira w'amaguru wiyahuye nyuma yo kubona ikipe ye itsinzwe na mukeba wayo, iyo nkuru y'inshamugongo ikaba yarabaye ikimenyabose mu Rwanda no hanze yarwo.

Uretse uyu wiyahuye, hari n'abandi bakunda amakipe bafana bakageza ku rwego rwo kwibabaza biyima amafunguro cyangwa ibindi bibafitiye umumaro iyo amakipe bafana cyangwa babereye abanyamuryango yatsinzwe.

Abahanga mu by'initekerereze bahamya ko iyo myitwarire ishingira ku kuba umufana afata ikipe ye nka kimwe mu bigize ubuzima bwe, atari ibihe byo kwishimisha gusa.

Ibyo bishingira ku marangamutima n'imitekerereza bituma yiyumvamo ikipe cyangwa umukinnyi umuzamurira ibyishimo kurusha abandi, hakaba hari n'abo bituruka ku ntego bakoze cyangwa ishoramari ry'igihe, amafaranga n'amarangamutima barundumuriye mu gushaka ko ikipe runaka itsinda cyangwa itsindwa.

Iyo umufana yizeye gutsinda cyane, gutsindwa bitera guhungabana kurushijeho, ndetse igihe ikipe itsinze umubiri urekura imisemburo y'ibyishimo (dopamine).

Iyo ikipe afana itsinzwe, iyo misemburo iragabanyuka bigatera umujinya, agahinda n'imujagararo ari na byo bigora bamwe kubana na byo kugeza aho bafashe ibyemezo bigayitse birimo no kwiyambura ubuzima.

Gusa nk'uko imikino ibarirwa mu myidagaduro, imyitwarire yose iganisha ahatari ukwidagadura yari ikwiriye kwirindwa kuko ntibikwiye ko aho umuntu akura ibyishimo hamuhindukira isoko y'agahinda no kubabaza ab'umuryango we iteka ryose.

Ni byiza gusobanukirwa ko intego nyamukuru ya siporo ari ukuruhura umubiri aho kuwunaniza, maze abantu bagaharanira kuyibyaza umusaruro ubafitiye inyungu aho kuba inzira ibambura ubuzima ishyira abandi mu bihombo.

Isi irimo kwihuta mu iterambere, ku buryo siporo n'imikino muri rusange bibonwa nk'amahirwe y'ishoramari akomeye, ari na yo mpamvu ababonamo ibyishimo bakwiye no kuzirikana ko ari imishinga nk'iyindi idashobora gusimbura ubuzima bw'abayishyira mu bikorwa.

# ECDs, impamvu nyamukuru yagabanyije igwingira ry'abana mu Rwanda




Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango Uwimana Consolée, yavuze ko ahazaza h'u Rwanda hatangirira ku mwana muto

MICOMYIZA Fidele

***Guverinoma y'u Rwanda yishimira intambwe ikomeje guterwa mu guhangana n'igwingira mu bana bakiri munsi y'imyaka itanu aho Ubushakashasti bwa karindwi ku bwiyongere n'ubuzima bw'abaturage, (DHS 7), bwerekanye ko igwingira ryabana ryavuye kuri 33% rikagera kuri 27% mu myaka itanu ishize.***

Ubuyobozi bw'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Imikurire no Kurengera Abana (NCDA) bwatangaje ko mu gihe imibare y'abana bagwingira ikiri kuri 27%, ariko hari intego yo kurushaho kuwugabanya ukagera kuri 19% bitageze mu 2029 gifashishijwe ingamba zirimo ingo mbonezamikurire y'abana bato (ECDs) ziza ku isonga.

Ibi byavugiwe mu nama ibaye ku nshuro 5 ku wa Kane, tariki 15 Mutarama 2026, igamije kwigira hamwe icyakorwa mu gukomeza kunoza serivisi mbonezamikurire zihabwa abana bato, ifite insanganyamatsiko igira iti: "Duteze imbere serivisi mbonezamikurire y'abana bato duhanga udushya."

Umuyobozi Mukuru wa NCDA Ingabire Assumpta, yavuze ko ubushakashatsi bwagaragaje ko kwita ku mwana uri munsi y'imyaka 6 bigira uruhare ku hazaza he, ari na byo biri muri Politiki y'Igihugu.

Yagize ati: "Kwita ku mwana uri munsi y'imyaka 6 bigira uruhare rukomeye kugira ngo umwana azakure mu bwenge, mu gihagararo, mu mbamutima ze, kubana neza n'abandi, akagira ubwonko bukangutse ku buryo aba yiteguye neza gutangira amashuri abanza.

Yakomoje kandi kuri serivisi z'ingenzi zitangirwa mu ngo mbonezamikurire y'abana bato, avuga ko bifuza ko zajya zikomereza no mu rugo umwana abarizwamo.

Izo gahunda harimo imirire myiza kandi yuzuye y'umwana muto ndetse n'umugore utwite serivisi z'ubuzima, isuku n'isukura n'uburere buboneye, umutekano usesuye w'umwana, kumurinda ihohoterwa, ndetse no kumutegurira amashuri abanza bamukangura mu bwonko hakiri kare.

Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango Uwimana Consolée, yavuze ko ahazaza h'u Rwanda hatangirira ku mwana muto, yavuze ko u Rwanda rwashyizeho ingo mbonezamikurire y'abana bato mu nkingi z'ingenzi z'iterambere ry'Igihugu kuko imyaka ya mbere y'ubuzima bw'umwana, ari yo yubaka ubwonko bwe, imyitwarire ye, ubushobozi bwe bwo kwiga, kubana n'abandi ndetse n'ibizamuranga mu buzima bwe.

Yagize ati: "Ibyo umwana ahura na byo muri iyi myaka byaba ibyiza cyangwa ibibi, bigira ingaruka mu buzima bwe bwose, gahunda y'imbonezamikurire ijyanye n'ingamba zihura na gahunda y'Igihugu yo kwihutisha iterambere (NST2)."

Yavuze ko bimwe mu byo u Rwanda rwishimira harimo no kwiyongera kw'ingo mbonezamikurire, ku buryo nta mwana n'umwe wasigara atabonye izi serivisi, ndetse no kunoza, guhugura no gutegura imfashanyigisho zifashishwa mu ngo mbonezamikurire.

Ingo mbonezamikurire zatangijwe bwa mbere na Madamu Jeannette Kagame mu mwaka wa 2013, nyuma hashyirwaho politiki yazo ari na yo iri gushyirwa mu bikorwa.

Kugeza ubu mu Rwanda hari ingo mboneza mikurire 32 205 zifite abakozi bagera ku 101 809 bita ku bana bazirerwamo aho muri abo bana 80,7% bari munsi y'imyaka 6, naho ubwitabire bw'abana mu ngo mbonezamikurire bwo bwavuye ku bihumbi birenga 297 mu 2020 bugera kuri miliyoni 1,1 mu 2025.




Umuyobozi Mukuru wa NCDA Ingabire Assumpta, yavuze kwita ku mwana muto bimufasha gukura mu bwenge no mu gihagararo

# Nta mucamanza watanga ubutabera bunoze yitwara nabi-Mukantaganzwa



Abacamanza n'abanditsi mu rukiko rwisumbuye basabwe kubahiriza inshingano batanga ubutabera bunoze

**ZIGAMA Theoneste**

***Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza bw'u Rwanda, Mukantaganzwa Domitilla, yasabye abacamanza n'abanditsi b'inkiko gukomeza kwihatira kugira imyitwarire myiza birinda ruswa n'ibindi bituma badashyira mu bikorwa inshingano zabo, agaragaza ko ku byubahiriza ari ingenzi mu gutanga ubutabera buboneye kandi bwizewe.***

Yabigarutseho ku wa Gatanu tariki ya 16 Mutarama 2026, ubwo yakiraga indahiro z'abacamanza n'abanditsi mu nkiko z'ibanze n'iz'isumbuye bagera kuri 62.

Yabibukije ko mu nkiko haba hari impande ebyiri ziburana, hakabaho utsinda n'utsindwa, ariko ashimangira ko mu byo bakora byose bagomba gukurikiza amategeko, imirongo igenga itangwa ry'ubutabera n'umuco w'Igihugu.

Yavuze ko abanditsi b'inkiko bafatwa nk'umutima w'inkiko, kuko ari bo bahuza abaturage n'abacamanza, bityo uruhare rwabo rukaba rukomeye.

Ati: "Kugira ngo urwego rw'ubucamanza rugire urufatiro rukomeye, ni uko mugenda mugera ku zindi ntera z'ubucamanza".

Yibukije kandi ko Guverinoma y'u Rwanda irimo gushyira imbaraga mu gutuma Abanyarwanda bagirira icyizere urwego rw'ubucamanza bityo bakwiye guharanira ko ubutabera butangwa neza.

Ati: "Ubucamanza bukwiye kugira isura nziza ku bo bugenewe. Mumaze iminsi mukurikira amakuru mu bitangazamakuru bitandukanye.

Ruswa ndagira ngo muyirinde ndetse uwo igaragayeho nta kindi dutekereza uretse kumukura mu bandi tukamusezerera."

Yabibukije ko bakiri bato, bityo bakwiye kurangwa n'imyitwarire myiza mu kazi kabo ka buri munsi.

Ati: "Ntabwo waca urubanza witwara nabi nawe. Uteshutse na we ingaruka zimugeraho. Twagiye tubiganira na bagenzi banyu hari abitwara nabi mu baburanyi, abandi bakitwara nabi muri bagenzi babo."

Yongeye kwibutsa ko imyitwarire mibi y'abacamanza igira ingaruka ku rwego rw'ubucamanza muri rusange, bikagera no kuri Guverinoma.

Yabifurije akazi keza, anasaba imiryango yabo gukomeza kubashyigikira, ndetse agaragaza ko bakora akazi k'ingirakamaro ku gihugu kandi gakorerwa hose.

Muri abo bacamanza n'abanditsi b'inkiko 62, barimo abacamanza 25 n'abanditsi 37, binjiye mu nshingano nshya barimo abinjiye mu mwuga bwa mbere n'abandi bahawe izisumbuyeho.



Perezida Paul Kagame yishimiye intsinzi ya Perezida wa Uganda, Yoweri Kaguta Museveni

# Perezida Kagame yishimanye na Museveni watsindiye kuyobora Uganda

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame, yishimiye intsinzi ya Perezida wa Uganda Yoweri Kaguta Museveni wongeye gutorerwa kuyobora Uganda muri manda nshya ya karindwi.***

Perezida Kagame yifurije ishya n'ihirwe Perezida Museveni ukomeje kuyobora Uganda muri iyi manda nshya y'imyaka itanu iteganyijwe kuzarangirana n'umwaka wa 2031.

Perezida Kagame yagize ati: "Ishyuke Perezida Yoweri Kaguta Museveni ku bwo kongera gutorerwa kuyobora Repubulika ya Uganda. Mbifurije ishya n'ihirwe wowe n'abaturage ba Uganda muri manda nshya, mu gihe ukomeje gukorera Igihugu cyawe uharanira iterambere ry'abaturage bawe."

Perezida Kagame yakomeje ahamya ko yiteguye gukomeza ubutwererane busanzwe bukomeye kandi butanga umusaruro hagati y'u Rwanda na Uganda.

Museveni w'imyaka 81 y'amavuko, ni umwe mu bayobozi ba Afurika bamaze imyaka myinshi ku butegetsi kuko ayoboye iki gihugu muri manda ya karindwi, akaba akundwa cyane n'abaturage ba Uganda ku bw'imiyoborere yimakaza impinduka zigaragarira mu bikorwa biteza imbere Igihugu.

Mu buyobozi bwe bumaze inyaka 40 guhera mu mwaka wa 1986, Perezida Museveni yaharaniye kubaka Igihugu kitagendera ku gitutu cy'amahanga kugeza no ku byemezo by'abaturage byo guhitamo ababayobora.

Mu myaka amaze ku butegetsi, Museveni yaharaniye kubana neza n'u Rwanda, akaba anashimirwa uburyo yitaye ku mpunzi z'Abanyarwanda bari barambuwe uburenganzira ku gihugu cyabo n'ubuyobozi bwateguye bukanashyira mu bikorwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Nyuma y'urugamba rwo kubohora u Rwanda no guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi, Uganda yakomeje gutsura umubano uzira amakemwa n'u Rwanda nk'Igihugu bisangiye amateka, indimi n'imipaka.

Nubwo uyu mubano wagiye uzamo kidobya, nko hagati y'umwaka wa 2017-2019 ubwo habagaho kutizerana kwa Politiki, ntiwatinze kugaruka ku murongo ndetse ukaba ukomeje gusigasirwa mu buryo butanga inyungu ku baturage b'ibihugu byombi.





# Ibigo 16 by'ubucuruzi byahawe ibirango by'ubuziranenge mu ikoranabuhanga




Umuyobozi Mukuru wa ICT Chambers Ntare Alex yashimangiye ko gutanga Dital Trust Seal bizafasha abacuruzi b'u Rwanda kugirirwa icyizere n'amahanga

**ZIGAMA Theoneste**

***Guverinoma y'u Rwanda yamaze gutangiza ku mugaragaro gahunda yo gutanga ibirango by'ubuziranenge ku bigo by'ubucuruzi bushingiye ku ikoranabuhanga(Dital Trust Seal). Iyi gahunda ireba cyane inzego enye zirimo iz'uburezi, 'iz'ubuzima, iz'ubucuruzi n'iz'ibijyanye n'imari, zikoresha ikoranabuhanga mu gutanga serivisi zitandukanye.***

Icyangombwa cy'ubuziranenge mu ikoranabuhanga kizwi nka Digital Trust Seal cyemeza ko umucuruzi yujuje ibisabwa mu mikorere ya serivisi atanga. Gitangwa n'Urugaga rw'Abikorera mu Ikoranabuhanga (ICT Chambers) ku bufatanye n'Ikigo cy'u Rwanda Gitsura Ubuziranenge (RSB).

Iyi gahunda yatangijwe ku mugaragaro ku wa Gatanu, tariki ya 16 Mutarama 2026, ahatangajwe ko ibigo 16 bikora serivisi zishingiye ku ikoranabuhanga ari byo bimaze guhabwa ibyo birango.

Umuyobozi w'Ikigo gishinzwe kugenzura ibyo birango ku bufatanye bwa RWSQT na ICT Chambers Robert Ford Nkusi yabwiye itangazamakuru ati: "kugira ngo uhabwe iki kirango uba ufite ibyangombwa bijyana n'ibyo utanga nka serivisi, imiterere ya sosiyete y'ubucuruzi, abakozi n'ubumenyi bwabo bwo gutanga serivisi zinoze."

Yunzemo ati: "Inzego z'Ubucuruzi bushingiye ku ikoranabuhanga (E-Commerce), hakaba n'iyitwa Editech, ari bwo serivisi z'uburezi zishingiye ku ikoranabuhanga, ibigo bikora iby'imari bishingiye ku ikoranabuhanga (Fintech) ndetse n'ikoranabuhanga rikoreshwa mu buvuzi."

Iki kirango cyashyizweho binyuze mu bufatanye bwa ICT Chambers na Minisiteri y'Ubuzima, Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda, Minisiteri y'Uburezi ndetse na Banki Nkuru y'u Rwanda. Kugeza ubu, RSB ni yo igitanga mu gihe ibigo bigihabwa bigenzurwa bikanakorerwa isuzuma na ICT Chambers.

Umuyobozi Mukuru wa ICT Chambers, Ntare Alex, yavuze ko gutanga ikirango cya Digital Trust Seal byitezweho gufasha guteza imbere ubucuruzi ndetse n'isura y'Igihugu mu ruhando mpuzamahanga.

Yagize ati: "Abakiliya barareba bakamenya uwo bakwiye guhahira. Kenshi zimwe mu nzego za Leta zaraduhamagaraga zikatubwira ngo hari abangaba bavuga ko bakora ibijyanye n'ikoranabuhanga ariko mwabahaye ibyangombwa byo gukora. Ugasanga natwe ubwacu ntabwo twatandukanya abakora ibintu bizima n'abakora ibidakwiye."

Yakomeje asobanura ko iki kirango kigamije gutanga icyizere ku isoko no ku bashaka gukorana n'ibigo by'ikoranabuhanga byo mu Rwanda, cyangwa hanze yarwo.

Iki kirango cya Digital Trust Seal kigamije kugaragariza abafatanyabikorwa n'abakiliya ko ibigo byahawe iki cyemezo bitanga ibicuruzwa na serivisi byujuje ubuziranenge. Icyakora inzego zibishinzwe zisobanura ko kutagira iki kirango bidasobanuye ko ikigo kitari cyemererwa gukora ubucuruzi, ahubwo ugifite yizerwa cyane n'abakiliya.

Abakora mu bigo 16 bimaze guhabwa ibi birango bagaragaje ko nyuma yo kubibona icyizere cy'abakiliya cyiyongereye kandi ko bizabafasha kunoza no kwihutisha serivisi batanga.

Kugeza ubu, ibikorwa by'ikoranabuhanga mu Rwanda bigira uruhare rwa 3-5% ku musaruro wose w'igihugu, u Rwanda rukaba rufite intego ko rigera nibura ku 10%.

# Uturere twa Gasabo na Musanze tuyoboye utundi mu kugira hoteli nyinshi nziza



Ibyumba bya hoteli mu Rwanda birimo kwiyongera ku bwinshi

ZIGAMA Theoneste

***Guverinoma y'u Rwanda yanditse amahoteli n'ibindi bigo bitanga serivisi zo kwakira abashyitsi bigera ku 1 460 mu gihugu hose mu mwaka wa 2024, avuye kuri 1 024 yariho mu 2018, aho igice kinini cyabyo cyiganje mu Mujyi wa Kigali no mu Turere dukomeye ku bukerarugendo.***

Nk'uko bigaragazwa n'Igitabo cy'Ibarurishamibare cy'u Rwanda 2025 (Rwanda Statistical Yearbook 2025), iri zamuka rihoraho mu rwego rw'amahoteli n'ubukerarugendo ryerekana ishoramari rikomeje kwiyongera, rishingiye ku kwaguka kw'imijyi, iterambere ry'ubukerarugendo, ndetse no kwiyongera kw'ibisabwa bijyanye n'inama mpuzamahanga n'ingendo z'akazi.

Ku rwego rw'Igihugu, umubare w'ibyumba by'amahoteli n'ibigo byakira abashyitsi wakomeje kwiyongera mu myaka irindwi ishize.

Mu 2018, u Rwanda rwari rufite ibyumba 13 802, bigera ku 16 113 mu 2019 na 17 078 mu 2020. Uwo mubare wageze kuri 18 201 mu 2021, urazamuka cyane ugera ku 21 232 mu 2022, uguma hafi aho kuri 21 217 mu 2023, mbere yo kongera kwiyongera cyane ugera kuri 25 330 mu 2024.

Ibyo bigo byakira abashyitsi birimo amahoteli, lodges, guesthouses, resorts, hostels, n'inzu zikodeshwa zifite serivisi zuzuye (serviced apartments).

Tugiye kugaruka ku Turere 10 twa mbere mu gihugu dukurikije umubare w'amahoteli n'ibindi bigo byakira abashyitsi, ndetse n'ubushobozi bwabyo mu byumba.

Uturere twa mbere dukurikije umubare w'ibigo byakira abashyitsi

Akarere ka Gasabo ni ko kaje ku isonga mu gihugu mu mwaka wa 2024, gafite ibigo 277 byakira abashyitsi, bikaba byikubye inshuro ebyiri, ku byari bihari mu 2018 byanganaga na 133, bikomeza gushimangira umwanya wako nk'igicumbi gikomeye cy'ubukerarugendo mu Rwanda.

Akarere ka Kicukiro kakurikiyeho gafite ibigo 167, kavuye kuri 69 mu 2018, mu gihe Akarere ka Musanze kaje ku mwanya wa gatatu gafite 157 kavuye kuri 83, bigaragaza uburyo gakomeje gukurura ba mukerarugendo bitewe n'uko kegereye rya Pariki y'Igihugu y'Ibirunga.

Akarere ka Rubavu kari gafite ibigo 146 byakira abashyitsi, kavuye kuri 66 mu 2018, ahanini bitewe n'iterambere ry'ubukerarugendo bushingiye ku kiyaga n'imyidagaduro ikorerwa ku nkombe z'Ikiyaga cya Kivu.

Akarere ka Nyarugenge kaje ku mwanya wa gatanu gafite ibigo 106, kavuye kuri 64, bigaragaza uruhare rwako rukomeye nk'Akarere k'ingenzi mu bucuruzi n'umujyi uteye imbere.

Akarere ka Bugesera gakurikiyeho gafite ibigo 77, kavuye kuri 13 gusa kari gafite mu 2018. Akarere ka Karongi kanditse 53 kavuye kuri 31, Kayonza yaanditse ibigo 51 bivuye kuri 4, bigaragaza iterambere rigenda ryiyongera gahoro ariko rihamye.

Akarere ka Rwamagana kanditse ibigo 41, kavuye kuri 14, mu gihe Akarere ka Huye kasoje urutonde rw'Uturere icumi twa mbere gafite ibigo 38, kakaba gasigaye inyuma y'utundi turere twateye imbere byihuse.

Ku rundi ruhande, Uturere twiganjemo icyaro twagaragaje umubare muto cyane w'ibigo byakira abashyitsi. Ngororero, Gakenke, Nyabihu na Rulindo buri kamwe gafite ibigo bine, Burera ifite bitanu, naho Nyaruguru ifite bitandatu.

Akarere ka Gisagara ni ko kanditse umubare muto kurusha utundi mu gihugu hose, gafite ibigo bibiri gusa.

**Uturere twa mbere mu kugira ibyumba byo kwakira abantu**

Akarere ka Gasabo kandi ni ko kaje ku isonga mu bushobozi bwo kwakira abashyitsi, gafite ibyumba 5 450 mu 2024, bigaragaza uko gahagaze nk'igicumbi gikomeye cy'ubucuruzi n'imiturire. Akarere ka Nyarugenge kakurikiyeho gafite ibyumba 3 490.

Akarere ka Kicukiro kaje ku mwanya wa gatatu gafite ibyumba 2 488, mu gihe Akarere ka Musanze kari gafite ibyumba 2 191, bikaba byifashishwa cyane mu kwakira ba mukerarugendo ku murongo w'ubukerarugendo uhuze cyane mu gihugu.

Akarere ka Rubavu kaje gukurikiraho gafite ibyumba 1 998, bishyigikiwe n'ubukerarugendo bwo ku kiyaga ndetse n'ubucuruzi bwo kwambukiranya imipaka.

Akarere ka Bugesera kari gafite ibyumba 1 190, mu gihe Akarere ka Rusizi kanditse ibyumba 1 086, bigaragaza ishoramari rikomeje kwiyongera mu rwego rw'amahoteli mu majyepfo ashyira uburengerazuba bw'Igihugu.

Uturere twa Karongi na Huye twari dufite ibyumba 843 na 938 uko twakabaye, mu gihe Akarere ka Rwamagana kasoje urutonde rw'uturere icumi twa mbere gafite ibyumba 555.

Nk'uko byari byitezwe, Uturere dufite ibyumba bike cyane ahanini twari Uturere twiganjemo icyaro. Gisagara na Gakenke buri kamwe kari gafite ibyumba 38, bikurikirwa na Ngororero ifite ibyumba 60. Nyabihu, Rulindo na Burera byanditse hagati y'ibyumba 62 na 66, mu gihe Akarere ka Nyamasheke kari gafite ibyumba 274.

Mu myaka itanu ishize, u Rwanda rwakiriye ishoramari ringana hafi na miliyoni 106 z'amadolari ya Amerika mu rwego rw'amahoteli n'ubukerarugendo ku nkombe z'ibiyaga, ryagize uruhare mu kubaka ibyumba 631 by'amahoteli.

Kugeza ubu, urwego rw'amahoteli n'ubukerarugendo rwakorwagamo n'abantu bagera ku 165 000 mu gihugu hose, aho imishinga yo ku nkombe z'ibiyaga yonyine imaze gutanga imirimo igera ku 1 000.

Guverinoma kandi irimo gushaka abashoramari bazubaka hoteli y'inyenyeri enye kugeza kuri eshanu, ishobora gutwara agera kuri miliyoni 30 z'amadolari ya Amerika, ku nkombe z'Ikiyaga cya Kivu mu Karere ka Karongi.





# Gakenke: Ubworozi bwafashije kurwanya imirire mibi iva kuri 33,3% igera kuri 26%

NYIRANEZA Judith

***Mu Karere ka Gakenke, mu birebana n'imirire, kavuye kuri 33,3% kagera kuri 26% mu gihe cy'imyaka 5 ishize, babifashijwemo n'ubworozi bw'amatungo magufi, by'umwihariko inkoko, kuko amagi yunganiye mu kunoza imirire nk'uko byatangajwe n'ubuyobozi bw'ako Karere.***

Umuyobozi w'Akarere ka Gakenke, Mukandayisenga Vestine yasobanuye ko kuva abaturage bahabwa amatungo magufi n'umushinga PRISM, byahinduye uburyo bw'imibereho, binagira impinduka ku mirire.

Yagize ati: "Umushinga PRISM wafashije abaturage muri gahunda y'Igihugu yo kwikura mu bukene, twanungukiyemo byinshi [….] waje ari igisubizo, ku bworozi bw'amatungo magufi bufasha abaturage kwikura mu bukene vuba, inkoko zitera amagi bigafasha gukura abaturage mu mirire mibi, aho Akarere kavuye ku kigero cya 33,3%, ubu tugeze kuri 26%."

Umwe mu bari batishoboye borojwe inkoko ahamya ko koko imirire yahindutse, kuko mbere atagiraga ibiryo.

Nkunzwenabake Jean Claude wo mu Mudugudu wa Karambi, Akagari ka Kanyanza, mu Murenge wa Karambo mu Karere ka Gakenke yavuze ko mbere yari umuntu ukennye, aza kuzahurwa n'inkoko yahawe na PRISM.

Yagize ati: "Nk'umugenerwabikorwa w'umushinga PRISM wampaye inkoko 10 noroye, zimaze gukura ndazigurisha nkuramo amafaranga y'u Rwanda 105 000, nguza andi 95 000 mu itsinda, nongeraho andi 70 000, mpita mbona inkoko 100.

Za nkoko 100 zarakuze, ziratera nkagurisha, amafaranga nkomeza kuyashyira mu itsinda, mbona izindi 100, nunguka ubumenyi ubu mfite inkoko 380, zampesheje inka. Ubu abana banywa amata, imirire yarahindutse."

Akomeza asobanura ukuntu ahereye ku nkoko 10 yanashoboye kwigurira ishyamba ry'amafaranga y'u Rwanda 700 000. Kuba akuza imishwi kandi avuga ko byatumye abo muri ako gace borora inkoko ku buryo zaba zirenga 3 000, yaguze igare, anateganya ko mu gihe kiri imbere azagura moto.

Ati: "PRISM yamfashije kugira aho ngera, ngomba kubyaza umusaruro aya mahirwe, niba nari ngeze ku nkoko 380, ngomba kugera ku nkoko 3 000, 4 000, 5 000. Ndizigama ku buryo nzabigeraho."

Yavuze ko iyo azanye inkoko nka 500, abaturanyi bamugurira ndetse ufite make akamukopa, akazamwishyura kandi anabafasha kuzikurikirana, ku buryo nta mbogamizi bimutera.

Ati: Nta mpungenge ngira ku baba bantwara isoko, kuko nanjye ni ubufasha nahawe n'umushinga PRISM. Ntanga amagi yo gufasha ku irerero. Batwigishije iby'imirire, batwigisha ukuntu umuntu agomba kurya."

Yasobanuye ko mbere nta byo kurya bagiraga.

Ati: "Mu mirire ntabyo kurya twari dufite, ariko mwabonye ifumbire y'inkoko n'imboga zirimeza umuntu yasoroma akarya, mbere ntitwezaga, ubu kubera ifumbire tureza, tukanasagurira amasoko."

Umwe mu baturanyi be, yahaye imishwi na we yashimangiye ko ubworozi bwabagezeho kandi ntawucyifuza igi cyangwa inyama.

Yagize ati: "Mbere twabagaho mu buryo butanoze, ntiturye indyo yuzuye, ariko ubu twamaze korora, dufite inkoko, zidufasha kubona amagi, ubundi twavugaga ko amagi ari ay'abazungu."

Ubuyobozi bw'Akarere ka Gakenke, buvuga ko ahanini ari icyaro, hakorwa ubuhinzi, ku buryo bwihariye 92,7% ndetse kakaba ari aka mbere mu kugira inkoko nyinshi.



Ubworozi bw'inkoko bwagize uruhare mu kunoza imirire




Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi Dr Ndabamenye Telesphore yashimangiye ko u Rwanda rwiyemeje kugeza ku bahinzi imbuto nziza ku kigero cya 100%

# Abahinzi bato 50% mu Rwanda bakoresha imbuto nziza

ZIGAMA Theoneste

***Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI) yatangaje ko abahinzi bato 50% byabo ari bo babasha gukoresha imbuto nziza zitanga umusaruro, akaba ari yo mpamvu Guverinoma y'u Rwanda ikomeje gushyira imbaraga mu kunoza urwego rwo gutubura imbuto nziza, hagamijwe kuzihazaho mu gihugu no gusagurira amasoko mpuzamahanga.***

Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi Dr Ndabamenye Télèsphore, yabigarutseho ku wa Kane tariki ya 15 Mutarama 2026, mu muhango wo gutangiza ubufatanye bw'Ishyirahamwe ry'abatubura imbuto nziza mu Rwanda (NSAR), ibigo by'imari n'amabanki, n'ibya Leta bugamijwe guteza imbere uruhererekane mu gutubura imbuto nziza.

Ni igikorwa kandi cyahuriranye no kwizihiza imyaka 10 Ishyirahamwe ry'Abacuruza n'Abatubura Imbuto Nziza mu Rwanda (NSAR) rimaze rishinzwe.

Minisitiri Dr Ndabamenye yashimangiye ko Guverinoma y'u Rwanda yihaye intego yo gutuma abahinzi bose babona imbuto nziza mu gihe cy'imyaka itanu iri imbere.

Yavuze ko hakomeje gushyirwa imbaraga mu kongera uburyo bunoze bwo gutubura imbuto hagamije no kozohereza ku masoko yo hanze y'igihugu, hibandwa cyane ku ruhare rw'abikorera.

Ati: "Icyo dushaka ni uko igipimo cyo gutubura imbuto cyazamuka. Ubushakashatsi burahari, hari n'ibyabukozwemo, ariko biba bisaba ko bigira ingano ihagije kugira ngo bigere ku baturage benshi."

KOMEZA KU RUP.12

# Abahinzi bato 50% mu Rwanda bakoresha imbuto nziza

IBIKURIKIRA URUP.11

Minisitiri Dr Ndabamenye yanavuze ko kuba kugeza ubu abahinzi bato bagera kuri 50% ari bo babona imbuto nziza bisaba kongera imbaraga kugira ngo n'abandi basigaye bazigereho.

Yagize ati: "Turashaka gukoresha imbuto nziza ku kigero kiri hejuru, abaturage b'abahinzi bato bayikoresha ntabwo bararenga 50%, ariko twe twifuza ko nko ku rwego rw'igihugu abaturage bakoresha imbuto 100%. Twashyizeho ibyanya bigega byose, muri gahunda twihaye n'ubundi ya Guverinoma yo guteza imbere ubuhinzi aho bizafasha abaturage kugera ku mbuto nziza bose."

Yakomeje agira ati: "Turashaka ko imbuto abahinzi bakoresha ziboneka no mu gihembwe kibanza. Ni yo mpamvu dukorana n'abazitubura kugira ngo habeho kumvikana, ntihagire icyuho mu kubona imbuto ihagije, kandi bamenye imbuto zose zikenewe, harimo n'inyongeramusaruro."

Ibigo by'abikorera birimo NSAR, Banki ya Kigali, Urwego rw'Ubwiteganyirize mu Rwanda (RSSB) ndetse n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubuziranenge, Ihiganwa mu Bucuruzi no Kurengera Umuguzi (RICA) byinjiye mu bufatanye bushingiye ku masezerano yo guteza imbere uruhererekane rw'ubucuruzi n'ubutubi bw'imbuto nziza.

Dr. Ndabamenye yahamije ko ubwo bufatanye buzamara imyaka 7, buzafasha igihugu kubona ibikorwa remezo bikenewe no kugera ku ntego yo kuba igicumbi cy'imbuto nziza ku rwego mpuzamahanga.

Umuyobozi Mukuru wa NSAR Innocent Namuhoranye, yahamije ko gufatanya bizagirira akamaro abahinzi n'abandi bari mu ruhererekane rwo gutubura imbuto nziza mu Rwanda.

Yagize ati: "Dufite ubufatanye mu igenamigambi ry'imyaka 7 ku buryo buri kigo cyiyemeje gushora imari muri ubwo bufatanye."

Yunzemo ati: "Niba umucuruzi akeneye amafaranga runaka bitewe n'ubunini bw'umushinga wo gutubura imbuto, Banki irayaguha, hashingiwe ku mabwiriza ubundi ugakora nta kibazo."

Kugeza ubu, mu Rwanda habarurwa ibigo bitubura imbuto nziza bigera kuri 30, birimo kompanyi n'amakoperative, bikomeje kugira uruhare mu guteza imbere ubuhinzi bushingiye ku mbuto nziza.

# Kwemera icyaha, gusaba imbabazi ni urugendo bafashijwemo na PFR – Ubuhamya bw'Abagororwa

KAYITARE Jean Paul

***Bamwe mu bahamijwe ibyaha by'ubwicanyi busanzwe n'abahamijwe ibyaha bya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bafungiye mu Igororero rya Nyarugenge, bavuga ko kwiyakira, kwemera icyaha no gusaba imbabazi ari urugendo bafashijwemo n'Umuryango wa Gikirisitu uharanira Ubumwe n'Ubudaheranwa mu Rwanda, Prison Fellowhip Rwanda (PFR).***



**Gusaba imbabazi biruhura uwakorewe icyaha kimwe n'uwagikoze**

Esther wahamijwe icyaha cy'ubwicanyi yakoreye mu Karere ka Karongi, avuga ko icyaha yakoze acyemera bityo akaba yarakatiwe imyaka 15, amaze gukora imyaka 12 asigaje imyaka 3 ngo arangize igihano.

Mu buhamya yatangiye mu Igororero rya Nyarugenge ku wa Kane tariki 15 Mutarama 2026, ubwo Umuyobozi Mukuru wa Prison Fellowship International, Andrew Corley, yasuraga iryo gororero.

Avuga ko akigera mu Igororero biturutse ku cyaha yari amaze gukora, yagize kwiheba kwiyakira biranga, yihugiraho, yumva ariyanze ariko agatekereza aho azajya mu gihe igihano cye kizaba kirangiye akahabura.

Ati: "Haje umushinga 'Urugendo rw'umufungwa n'umugororwa' ruzana inyigisho, umuntu ansanga aho nari nigunze aranganiriza arambwira ngo hari inyigisho z'Urugendo rw'umufungwa n'umugororwa, uziteze amatwi zagufasha zikakuvana mu bwigunge urimo, zikakuvana mu ntekerezo urimo kuko bitewe n'aho uri kwiyakira ntabwo biba byoroshye."

Bitewe n'inyigisho yahawe yumva yigaruriye icyizere kandi ko nataha azagira icyo amarira abo yasize. Ahamya ko yahindutse kuko mbere ntiyashoboraga guhagarara imbere y'abantu, ubu arahagarara akavuga ashize amanga.

Sezibera Célestin wavutse mu 1950, akagira uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi, avuga ko yafunzwe tariki 02 Nzeri 1994 nyuma yo gukora Jenoside mu Karere ka Nyarugenge ari naho yari atuye, ari umupasiteri mu itorero ry'Abadivantisite b'umunsi wa Karindwi.

Mu buhamya bwe, avuga ko ashingiye ku nyigisho umunani bahabwa na PFR, zamugiriye umumaro.

Mu ifungwa rye avuga ko kwemera icyaha ari ibintu byari bimugoye. Yayoboye Segiteri Nyamirambo mu masegiteri 10 yari agize Komini Nyarugenge.

Mu 2019 ni bwo yapfukamye asaba imbabazi abarokotse Jenoside muri Segiteri Nyamirambo ndetse n'abo mu itorero yayoboraga.

Ati: "Mu ntambwe eshatu nateye, iya mbere ni uko yafashe icyemezo cyo gukangurira bagenzi banjye dusangiye iki cyaha kugira ngo batere intambwe yo gusaba imbabazi abo bagikoreye kuko biruhura umutima, bituma umuntu atinyuka kuvuga mu ruhame, akavuga kugira neza kwa Yesu."

Umuyobozi uhagarariye abagororwa mu Igororero rya Nyarugenge, avuga ko bashimira PFR ibikorwa byose ikora bigamije isanamitima.

Ati: "PFR yakoze ibishoboka byose birimo urugendo rw'umufungwa bijyanye n'ibikorwa by'isanamitima ku buryo gahunda zayo zagize uruhare mu gusana imitima.

Abagira ipfunwe ry'ibyaha bakora, barakariye abatangabuhamya, uburakari cyangwa na we akirakarira, inyigisho zitangwa binyuze mu isanamitima turi abahamya ko hari abo byafashije."

Umuyobozi w'Igororero rya Nyarugenge, avuga ko ubuzima bw'umugororwa utari kumwe nabe, aba akeneye inkunga y'imitekerereze ariko ko Urwego rw'u Rwanda rushinzwe Igorora (RCS) rutabyifasha rutari kumwe n'abafatanyabikorwa.

Kuva mu 2015, Umuryango PFR wafashije abagororwa kugira imitekerereze mizima.





# Ba Ofisiye bato mu nzego zishinzwe kugenzura iyubahirizwa ry'amategeko, basoje amahugurwa

UBWANDITSI

***Abagera kuri 47 bo ku rwego rwa ba Ofisiye bato mu nzego zishinzwe kugenzura iyubahirizwa ry'amategeko, basoje kuri uyu wa Gatanu tariki ya 16 Mutarama 2026, amahugurwa ajyanye n'ubuyobozi no gukemura amakimbirane, yari amaze amezi 5 atangirwa mu Ishuri rikuru rya Polisi (NPC) mu Karere ka Musanze.***




**Ba Ofisiye bato mu nzego zishinzwe kugenzura iyubahirizwa ry'amategeko, basoje amahugurwa**

Ni amahugurwa y'icyiciro cya 13 agenerwa ba Ofisiye bato (Police Junior Command and Staff Course-PJCSC), yitabiriwe n'abo muri Polisi y'u Rwanda 36, abo mu rwego rw'igihugu rushinzwe igorora (RCS) batanu (5), abo mu Rwego rw'Ubugenzacyaha (RIB) 5 n'umwe wo mu Rwego rw'Igihugu rushinzwe Iperereza n'Umutekano (NISS).

Asoza amahugurwa ku mugaragaro, Umuyobozi Mukuru wa Polisi Wungirije (DIGP), ushinzwe ubutegetsi n'abakozi, DCG Jeanne Chantal Ujeneza, yagarutse ku byitezwe kuri ayo mahugurwa afatwa nk'umusingi mu guteza imbere ubuyobozi n'ubunyamwuga kuri ba Ofisiye bato.

Yagize ati: "Aya mahugurwa agamije gutegura no kuzamura urwego rw'ubuyobozi kuri ba ofisiye bato. Muri iki gihe ibibazo by'umutekano ku Isi birushaho kwiyongera bijyanye n'iterambere ry'ikoranabuhanga, si uburambe mu kazi gusa, imiyoborere itanga umusaruro ikwiye kurangwa no gutekereza kugendanye n'igihe, igenamigambi rinoze, guhuza imikorere no gufata ibyemezo bitanga umuti ushingiye ku bibazo biriho.

Turizera ko ubumenyi n'ubushobozi mwungukiye muri aya mahugurwa buzabafasha guhangana n'ibihungabanya umutekano byaba ibisanzwe n'ibyifashisha ikoranabuhanga."

DIGP Ujeneza yakomeje avuga ko ubuyobozi budasobanurwa n'ipeti gusa ko bunagaragarira mu bunyangamugayo, kuzuza inshingano, kutabera no kugira ubushobozi bwo gufata ibyemezo birengera abaturage, kubahiriza amategeko no guharanira inyungu z'igihugu, abibutsa kuzakoresha kinyamwuga ububasha n'icyizere bagiriwe no kwirinda icyabyangiza.

Yashimiye ubuyobozi, abarimu n'abandi bose bakorera mu ishuri rikuru rya Polisi, ku muhate n'ubunyamwuga bagaragaje byatumye aya mahugurwa agenda neza. "Turabashimira umusanzu wanyu w'indashyikirwa mu kuzamura urwego rw'abashinzwe kubahiriza amategeko mu bijyanye n'ubushobozi, imikorere igendanye n'igihe n'ubunyamwuga."

Commissioner of Police (CP) Rafiki Mujiji uyobora Ishuri Rikuru rya Polisi, yavuze ko mu byibanzweho muri ayo mahugurwa harimo uburyo bw'imikorere ya kinyamwuga n'imyitwarire mbonezamurimo byashimangiwe n'imyitozo ngiro mu kurushaho kunoza ubufatanye no gukorera hamwe ndetse n'ingendoshuri zafashije abanyeshuri mu kwagura ubumenyi no kubuhuza n'imiterere y'akazi.

CP Mujiji yashishikarije abayasoje kuzakoresha neza ubumenyi bungutse mu kazi ko mu nzego zitandukanye zabohereje, abibutsa ko uruhare rwabo rutagarukira mu gushyira mu bikorwa amabwiriza gusa, bagomba no gutekereza bijyanye n'igihe, gutanga inama nyazo, kuyobora bishingiye ku ngamba zihamye, gusigasira imyitwarire myiza n'indangagaciro ndetse no kwifashisha uburyo n'ibikoresho bigezweho mu kuvugurura imikorere no gutanga serivisi inoze kandi yihuse.

# Ingabo z'u Rwanda zakiranywe urugwiro muri Jamaica

UBWANDITSI

***Guverinoma ya Jamaica yakiranye urugwiro abasirikare barenga 100 boherejwe n'u Rwanda ngo bajye gutanga umusanzu wo guhangana n'ingaruka z'inkubi y'umuyaga ivanze n'imvura idasanzwe yiswe Hurricane- Melissa.***

Ni ibiza byibasiye Jamaica nk'Igihugu giherereye mu Nyanja ya Atalantika hagati y'itariki 21 Ukwakira n'iya 4 Ugushyingo 2025, bikaba ari byo biza byatejwe n'imvura ikabije ivanze n'inkubi y'umuyaga bya kabiri bibaye muri icyo gice guhera mu mwaka wa 1935.

Ibyo biza byatewe n'umuyaga ufite umuvuduko wa kilometero 464 ku isaha (464km/h) wari uvanze n'imvura idasanzwe n'inkuba byangije ibikorwa remezo biri ku butumburuke bwa metero zirenga 200.

Itsinda ry'abubatsi bo mu Ngabo z'u Rwanda (RDF) ryageze kuri icyo kirwa ku mugoroba wo ku wa Gatatu, bakirwa ku ikubitiro n'Ubuyobozi bw'Ingabo za Jamaica.

Mu masaha akurikiyeho, abo basirikare bakiriwe ku Mugaragaro n'abahagarariye Guverinoma ya Jamaica mu birori byabereye mu Ishuri Rikuru rya Gisirikare rya Karayibe muri Jamaica biyobowe na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubucuruzi w'icyo gihugu, Sen. Kamina Johnson Smith.

Sen. Kamina Johnson Smith yashimiye Perezida wa Repubulika Paul Kagame, Guverinoma y'u Rwanda n'Abanyarwanda muri rusange, babageneye inkunga y'abenjenyeri bo mu Ngabo z'u Rwanda bitezweho gutanga umusaruro ukomeye ku bw'ubuhanga, ubunyamwuga n'ubunararibonye.

Iyo nkunga yitezweho ko izafasha bikomeye mu rugendo rwa Jamaica rwo kongera gusubira ku murongo nyuma y'ibyangijwe n'ibiza no kurushaho kubaka ubudahangarwa.

Col Claudien Bizimungu wavuze mu izina ry'ubuyobozi bw'Ingabo z'u Rwanda, yashimangiye ko u Rwanda rwifatanyije na Jamaica muri uru rugendo rwo kwiyubaka no guhahgana n'ingaruka zatewe n'imihindagurikire y'ibihe mu buryo burambye.

Col. Bizimungu yongeye guhamya ko u Rwanda rwiyemeje kuba hafi ya Jamaica muri ibi bihe bitoroshye byo kwiyubaka no gusohoka mu ngaruka za Hurricane Melissa 2025.

Yanahamije ko kohereza abasirikare b'u Rwanda muri Jamaica ari kimwe mu bishimangira uko u Rwanda rwiyemeje kudatezuka mu kwimakaza ubutwererane mpuzamahanga no gutanga ubutabazi aho bukenewe hose ku Isi.



**Guverinoma ya Jamaica yakiranye urugwiro Ingabo z'u Rwanda zoherejwe gusana ibikorwa remezo**

Col Bizimungu yanavuze ku bunararibonye buhambaye bw'Ingabo z'u Rwanda mu bijyanye n'ubwubatsi bw'ibikorwa remezo, gusana ibyangiritse ndetse no kwibanda kuri gahunda z'ubutabazi ku basivili.

Umuyobozi w'Itsinda ry'Ubwubatsi rya RDF ryoherejwe Col Moses Kayigamba, na we yahamije ko abenjenyeri ba RDF bazakorana bya hafi n'Ingabo za Jamaica n'inzego zitandukanye muri icyo gihugu mu mishinga yo gusana ibyangiritse, nka kimwe mu bigize amasezerano ibihugu byombi bifitanye.

# Nyagatare: I Ntoma baba-ngamiwe na 50 000 Frw bacibwa yo kubaka Akagari




I Ntoma mu Murenge wa Musheri, mu Karere ka Nyagatare baremerewe n'amafaranga basabwa yo kubaka Akagari

HITIMANA Servand

***Bamwe mu baturage bo mu Kagari ka Ntoma, Umurenge wa Musheri mu Karere ka Nyagatare, bavuga ko amafaranga bakwa yo kubaka Akagari ari umutwaro kuri bo kuko bagorwa no kuyabona, bityo bagasaba inzego bireba kubohereza.***

Abo baturage bavuga ko babangamiwe n'amafaranga bari kwakwa n'ububuyobozi bw'Akagari ku gahato yo kubaka Ibiro by'Akagari, nyamara iyo myanzuro yarafashwe batabigizemo uruhare.

Bemeza ko ugereranyije mu bushobozi bwabo ngo amafaranga bacibwa basanga ari menshi ku buryo bigoye kuyabona cyane ko baba banafite n'ibindi bibazo bya buri munsi byo mu miryango yabo.

Mutunzi Emmy yagize ati: "Rwose umubare w'amafaranga dicibwa ni menshi. Wibaza ukuntu baca ibihumbi ijana ku muturage cyangwa 50 ku wo bita ufite ubushobozi buke? Ni amafaranga menshi cyane. Inaha mu cyaro hari n'umuntu kubona ibihumbi 50 ayabona nka kabiri mu mwaka na bwo igihe yejeje imyaka. Hanyuma ubuyobozi nibumuhatira kwisahura akagurisha ibyo yejeje akayatanga ikizakurikiraho si ugusonza? Turasaba ko ubuyobozi bwashishoza niba ari ngombwa bakagabanya aya mafaranga."

Theodosie Iradukunda we avuga ko mu gukusanya aya mafaranga ababirenganiramo cyane ari abafite utuntu bahacururiza.

Ati: "Naba n'umuturage usanzwe. Uwitwa ko afite utwo acuruza baraza bakakubwira ko utayatanze bagufungira. Ni amafaranga twakwa tunafite ibibazo byinshi birimo kwishyurira abana amashuri, guhahira imiryango yacu ejo heza n'ibindi. Birashoboka ko abaturage bagira uruhare mu gikorwa runaka iyo bakiganirijweho ndetse bakanifatira umwanzuro ku musanzu batanga. Binabaye numva atakarenze ibihumbi 3 ku muturage iriko ibihumbi 50? Twe twarumiwe."

Akomeza avuga ko ibyemezo nk'ibi bibangamira abaturage bikwiye kujya bikurikiranirwa hafi.

Ati: "Ntabwo tuzi niba ubuyobozi buba bwatekereje ku ngano y'amafaranga baca umuturage no kureba ubushobozi bw'uwo bayaka. Ubuyobozi bukuriye Akagari bukwiye kutwumva bugasuzuma niba ibi bintu bikwiye."

Bamwe mu baturage bashinja ubuyobozi bw'Akagari kubaka aya mafaranga nk'igikangisho ngo aho babwirwa ko utayatanze ari umwanzi w'ubuyobozi bw'Igihugu.

Ubuyobozi bw'Akagari na bwo buvuga ko iyi gahunda irwanywa na bamwe mu baturage b'ibigande bashaka no kugandisha abandi, barimo na bamwe mu bahavuka bagonganisha ubuyobozi n'abaturage.

Ubuyobozi bw'Akagari ka Ntoma bwabwiye Imvaho Nshya ko iyi ari gahunda yatekerejwe mu kwishakamo ibisubizo ndetse ngo biganirizwa abaturage. Gusa ngo hari bamwe mu baba badashobotse bagandisha abandi.

Mukarugwiza Oliva uyobora Ntoma, yagize ati: "Mu byukuri dukorera ahantu habi. Twagize iki gitekerezo tukiganiriza abahagarariye abaturage muri Njyanama y'Akagari hatangwa ibitekerezo by'umusanzu watangwa hanyuma tunabimenyesha abaturage. Ni ukwitanga hashingiwe ku bushobozi bw'umuntu. Hari abatanga ibihumbi 100, ibihumbi 50, ariko hari n'abazatanga ibihumbi 5. Nubwo hari ababirwanya wenda ku mpamvu zabo, ariko hari n'ababyishimiye."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyagatare Kakooza Henry, avuga ko ibi bidakwiye ko umuturage yakwa amafaranga y'umurengera ndetse ko Utugari tuzubakwa hari gushakwa ingengo y'imari yateganyijwe bityo ko bagiye kubikurikirana.

Ati: "Icyo kibazo tugiye kugikurikirana ndetse nidusanga koko ayo mafaranga acibwa abaturage mu buryo batumvikanyeho twabihagarika. Hari ingengo y'imari yateganyirijwe ibikorwa byo kubaka no gusana Utugari ndetse ubu tugiye no gutanga amasoko. Umuturage yumva yabigiramo uruhare akwiye kubikora ku bushake atabihaswe."

Hari aho usanga hirya no hino mu gihugu abaturage bishyira hamwe bakiyemeza kugira igikorwa bigezaho binyuze mu misanzu bikuyemo. Gusa ngo ibi iyo bibaye bitangwa nk'igitekerezo cyabo mu nama bagirana ndetse uwo musanzu ugashyirwaho hashyingiwe ku bushobozi bw'abawugena, ikindi kandi udafite ubwo bushobozi ntabihutarizwamo.





# Nyagatare: Abarema isoko rya Rukomo babangamiwe no gucururiza hanze

HITIMANA Servand

***Bamwe mu barema isoko rya Rukomo mu Murenge wa Nyagatare bavuga ko babangamiwe no kuba isoko ari rito bigatuma bacururiza hanze aho bangirizwa n'imvura ndetse n'izuba, bakifuza ko babonerwa aho gukorera hahagije.***



Isoko ryababanye rito bacururiza hanze yaryo

Abarema iri soko riri mu masoko manini mu Karere ka Nyagatare bagaragaza ko ari rito cyane ku buryo ahubatse hanasakaye hadahagije.

Ibi ngo bigira ingaruka ku mikorere yabo aho abenshi bahisemo gukorera hanze yemwe n'abahaha akaba ariho babasanga.

Nkundabanyanga Alphonse yagize ati: "Iri soko birazwi ko rigira amafaranga menshi ari nabyo bituma tuza kurikoreramo turi benshi. Gusa kuba ari rito urabona ko dukorera hanze kandi byitwa ngo Rukomo hubatswe isoko.

Ubu imvura iguye ihindanya ibicuruzwa byacu tugahomba. Ikindi ubwo iyo iguye ni ukwiruka tujya kugama akazi kakaba karapfuye tugahomba. Si imvura gusa kuko no ku zuba riragutwika rikakurengeraho. Umukungugu waza ukatwangiriza."

Akomeza agira ati: "Twifuza ko iri soko ryakwagurwa abantu bakabona aho gukorera. Kugeza ubu uretse n'abacuruza ibicuruzwa bisanzwe, bari hafi y'aha hubatse abacuruza ibindi bicuruzwa, amatungo n'ibindi bo bari ruguriiya kure y'aha kuko aha no hanze ntihahagije."

Bagirinka Donata waje guhaha na we yabwiye Imvaho Nshya ko bagorwa no guhahira mu bice bitegeranye.

Ati: "Iri soko riratatanye, kurizamo bisaba gukora ingendo ndende iyo ukeneye guhaha ibintu bitandukanye. Nawe Reba kuba ritagira igitoki ukazamuka ruguririya i Nyamirambo, wasoza ukaza kugura ibitambaro inaha mu isoko. Biratuvuna ku buryo bikunze twakubakirwa isoko riri hamwe."

Mupenzi Aloys na we yagize ati: "Ubuyobozi tububwira ko tubangamiwe no gucururiza hanze kandi ko biduhombya ntibagire icyo badufasha.

Tekereza kuba uri gucururiza hano ugasora ni ukuri imbere mu isoko mu gihe imvura igwa umaze gusora ukabizinga hagasigara hacuruza uri ahasakaye gusa. Tubifata nk'akarengane.Turasaba ko bagura isoko."

Iki kibazo ubuyobozi bw' Akarere ka Nyagatare buvuga ko bukizi ndetse hari ibiteganywa gukorwa.

Matsiko Gonzague Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu yagize ati: "Ni byo ririya soko ni rito ndetse naho ryubatswe ni hato ku buryo no kuryagurira hariya bigoye. Abaturage twababwira ko nyuma yuko tubonye igishushanyombonera, ubu turi gushaka ingengo y'imari yo kubaka isoko rikwiye."

Yavuze ko rizubakwa ahantu hakwiye aho rizimurirwa rikajya aho igishushanyombonera cyariteganyirije, asaba abaturage kwihangana mu gihe ubuyobozi buri gushaka igisubizo kirambye kuri iki kibazo.

Isoko rya Rukomo riremwa n'abaturuka mu bice bitandukanye by'Akarere ka Nyagatare no mu tundi Turere bahana imbibi ndetse n'abaturuka mu gihugu cy'abaturanyi cya Uganda bazana cyane ibiribwa birimo ibirayi, ibitunguru, amafi n'ubuconsho.

# Karongi: Umubiri w'uwazize Jenoside wabonetse ahasizwa ikibanza cy'inzu

BAHUWIYONGERA Sylvestre

***Mu Karere ka Karongi aharimo gusizwa ikibanza cy'inzu yagenewe abagenerwabikorwa ba Minisitiri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE) habonetse umubiri bikekwa ko ari uw'uwazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.***

Wabonetse mu Mudugudu wa Nyabikenke, Akagari ka Burunga,Umurenge wa Bwishyura, Akarere ka Karongi.

Ushinzwe ibikorwa by'ubwubatsi bw'iyo nzu, Engineer Niyomukiza Innocent yabwiye Imvaho Nshya ko uwo mubiri wabonywe n'abakozi bari barimo gusiza ikibanza.

Ati: "Ubwo barimo basiza bawubonye bahita bampamagara barabimbwira, mpita ntanga n'amakuru ku Kagali, na bo bayatanga ku Murenge no mu nzego z'umutekano n'iza Ibuka, baraza bakoze icukumbura basanga ari uw'uwazize Jenoside yakorewe Abatutsi. Bahise bawujyana."

Visi Perezida wa Ibuka mu Karere ka Karongi, Ntukanyagwe Jean Laurent, yemereye Imvaho Nshya ko uwo muribi ari uw'uwishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, cyane cyane ko hariya wabonywe, muri icyo gihe hari bariyeri yiciweho Abatutsi benshi.

Ati: "Imibiri imwe yarabonetse irashyingurwa, hari iyari itaraboneka irimo n'uriya."

Uwo muyobozi yavuze ko wajyanywe mu rwibutso rwa Jenoside rwa Gatwaro gutunganywa ukazashyingurwa mu cyubahiro mu gihe cyo kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ntukanyagwe yakomeje avuga ko bibabaje cyane kubona n'ubu imibiri y'abazize Jenoside, ikiboneka ari uko hakorwa ibikorwa remezo, itembanywe n'imivu y'amazi cyangwa ikaboneka bahinga, kubera ko hari abacyinangiye, bafite amakuru y'aho iyo mibiri iri ariko badashaka kuyatanga.

Ati: "Ni ikibazo gikomeye cyane tugifite aha muri Karongi. Turakomeza gusaba abafite ayo makuru kuyaduha, imibiri itaraboneka ikaboneka aho bishoboka na yo igashyingurwa mu cyubahiro.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Bwishyura Songa Nsengiyumva Rwandekwe, yasabye abafite amakuru y'ahakiri imibiri y'abazize Jenoside itaraboneka ngo ishyingurwe mu cyubahiro kuyatanga.

Ati: "Kuyatanga byatanga imbaraga mu gushimangira ubumwe n'ubudaheranwa bw'Abanyarwanda ari yo ntego twihaye. Kubyumva kimwe twese byafasha cyane, tukumva ko gutanga amakuru ntawe ubizira, icyaha ari ukutayatanga ubizi."


Yakomeje ati: "Niba hakorwa igikorwa nk'icyo ikaboneka, icyo abaturage basabwa ni uguhuza amakuru ahakekwa imibiri hose ikagaragazwa, igashyingurwa mu cyubahiro."

Kugeza ubu umwirondo w'uyu mubiri wabonetse nturamenyekana.



Aho ni ho hasizwaga ikibanza, hakabonekamo umubiri w'uwazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

# Gatsibo: Ku myaka 42 yiga mu mashuri yisumbuye agambiriye kuminuza



Ku myaka 42 ageze mu wa gatandatu w'amashuri yisumbuye agamije kwiga kaminuza

**HITIMANA Servand**

***Dusengimana Isaie w'imyaka 42 utuye mu Karere ka Gatsibo, Umurenge wa Nyagihanga yiga mu mwaka wa gatandatu w'amashuri yisumbuye, akaba afite intego yo kuminuza.***

Mu kiganiro na Imvaho Nshya, yavuze ko yasubiye mu ishuri ku myaka 38 nyuma yaho barumuna be yabonaga babayeho neza nyuma yo kuminuza.

Uwo mubyeyi w'abana bane yavuze ko ubu yiga mu mwaka wa gatandatu w'amashuri yisumbuye, ishuri yagarutsemo nyuma y'imyaka 22 kuko yacikirije ari mu wa mbere w'ayisumbuye, arigarukamo mu 2021.

Avuga ko ishyaka ryo kugaruka kwiga yaritewe no kubona abari inyuma ye hari byinshi bari kugeraho babikesha kwiga, ahitamo gusiga umugore n'abana agaruka ku ntebe y'ishuri.

Ati: "Mva mu ishuri ubundi byaturutse ku burwayi aho nkiriye mbona abo twiganaga bagiye mu wundi mwaka nanga gusubiramo. Nakomereje mu bundi buzima ndakura ndetse ndanashaka aho mbyaye gatanu gusa abariho ni 4.

Gukumbura ishuri byagarutse ubwo nitegerezaga uko barumuna banjye barangije kaminuza babayeho neza babikesha kwiga, ngira ipfunwe ry'ukuntu nari imbere yabo nkaba ubu ngaragara nkucirirtse kuri bo."

Akomeza agira ati: "Ibi byatumye nganiriza umugore n'abana mbabwira ko nsubiye ku ishuri kandi ko nta mikino ngomba kwiga ngatsinda. Nasabye ubuyobozi bw'ishuri buranyemerera ndaza bibanza kungora nk'umuntu waherukaga twiga mu gifaransa ngasanga byarabaye icyongereza ariko ndahatana mbona ndi kubitsinda."

**Yahuye n'inzitizi ariko ntiyacika intege**

Dusengimana avuga ko atangira kwiga yahuye n'ibimuca intege ariko ntiyadohoka

Ati: "Ubwa mbere n'iwanjye mu rugo cyane ku bana wabonaga ari bo bafite ipfunwe ryo kwakira ukuntu papa wabo ari kwigana n'abana. Ikindi ku ishuri wabonaga abanyeshuri batabyumva ndetse bakeka ko naba mfite ikibazo mu mutwe bakavuga bati reka dutegereze turebe.

Gusa ibi byagiye bitangira gahoro gahoro babona ndakora nkabona amanota meza babona ko dukomezanyije urugendo rw'amasomo kuko mbere bakekaga ko ari agahezo nzarambirwa nkabivamo."

Mu ngamba afite harimo no gukomeza muri Kaminuza ndetse afite icyizere ko bizamufasha guhindura ubuzima.

Ati: "Mu cyerekezo cyanjye ntabwo ari ugusoreza aha, kuko nababwiye ko nagaruwe no kubona uko abize kaminuza byabafashije. Ubu rero ndiga nitegura gukora ikizamini cya leta ndetse nkazashaka amanota anyinjiza muri Kaminuza. Ngomba kuyiga byanga bikunda.Iyo ntekereza kuri Kaminuza sinjya ndeba imyaka."

Yongeyeho ati: "Mfite icyizere ko kwiga kaminuza bizamfasha gusaza neza ntekereza umuryango nk'umuntu ujijutse, nkanawukorera ariko ubuzima bugahinduka nkuko n'abandi byakunze."

Ubuyobozi bw'ishuri ryisumbuye rya APEM Ngarama uwo munyeshuri yigamo buvuga ko bumubonamo icyizere cyo kuzagera ku byo yifuza kuko ibyo akora abikorana imyitwarire myiza no kuba indakemwa."

Mukamparirwa Claudine uyobora iryo shuri yagize ati: "Umunyeshuri wacu dushima imyitwarire ye aho ubona ko yiga afite icyo ashaka kugeraho. Arangwa n'imyitwarire myiza nk'umunyeshuri ariko akanaba n'umujyanama muri bagenzi be nk'umubyeyi.

Ubushake afite nta kabuza buzatuma intego ze azigeraho kandi natwe nk'ubuyobozi bw'ishuri tumuremamo icyizere tukamwereka ko bishoboka."

Dusengimana Isaie ashimira cyane ubuyobozi bw' Igihugu budaheza mu burezi, avuga ko ubundi mu myaka yo hambere hari imyaka warenzaga ukaba utakwakirwa mu mashuri abanza cyangwa ayisumbuye.



Babiri mu bakora irondo ry'umwuga batemwe n'abagizi ba nabi bitwaje intwaro gakondo

# Muhanga: Abatemye abanyerondo batabaye umuturage batangiye gufatwa

**HABIMANA Eric**

***Polisi y'u Rwanda yatangaje ko yatangiye gushakisha no guta muri yombi abagizi ba nabi baraye bateze igico abanyerondo bari batabaye umuturage bakabatema, ahagana saa saba z'ijoro rishyira kuri iki Cyumweru Mutarama 2026 mu Karere ka Muhanga.***

Urwo rugomo rwabereye mu Mudugudu wa Biti, Akagari ka Remera, Umurenge wa Nyamabuye, Akarere ka Muhanga, ubwo abo banyerondo bari batabaye umuturage witwa Yankurije Joseline ucumbitse mu nzu z´uwitwa Shingiro Benoit.

Bivugwa ko Yankurije yatabaje Umuyobozi w'Umudugudu amubwira ko hari abantu atazi barimo kumukomangira, ari na bwo abanyerondo bahise bamenyeshwa berekeza ahari ibyo bibazo.

Umuyobozi w'Umudugudu wa Biti witwa Mucunguzi Munabi, yahamije ko yahamagawe saa saba z'ijoro agahita abimenyesha abanyerondo ariko atungurwa no kumva n'abanyerondo bamutabaza ko bakomerekejwe ndetse banakwiye imishwaro.

Babwiye Mudugudu ko abo bantu bari bagiye gufata bari bitwaje intwaro gakondo bakaba bacitse bamaze gutema abanyerondo babiri, aho umwe bamutemye ikiganza undi bamutema mu mbavu.

Ati: "Hari saa saba z'ijoro ni bwo umupangayi wo kwa Benoit yampamagaye ambwira ko hari abantu barimo kumukomangira. Nanjye nahise mpamagara irondo ngo rijyeyo hanyuma bamaze kugerayo bahise bongera barampamagara basamira umwuka hejuru barambwira ngo baradutemye."

Yavuze ko bahise bahamagara Polisi y'u Rwanda ihagera abo bantu bamaze kuburirwa irengero, abanyerondo batemwe bajyanwa kwa muganga.

Akomeza avuga ko usibye kuba batemye abo banyerondo ngo hari n´umuturage ucuruza butiki bibye bimwe mu bicuruzwa bye ari na ho ahera avuga ko bakeka ko abo bakoze ibyo baba ari abajura bari baje kwiba.

Ati: "Urumva ko abo bajura bari benshi kuko hari umuturanyi

KOMEZA KU RUP.17





# Muhanga: Abatemye abanyerondo batabaye umuturage batangiye gufatwa

IBIKURIKIRA URUP.16

witwa Dominiko bamwibye bimwe mu bicuruzwa bye, hanyuma abandi batema abanyerondo, ikigaragara ni uko bagenda barenze umwe."

Umuvugizi wa Polisi y'u Rwanda mu Ntara y´Amajyepfo CIP Hassan Kamanzi, yahamirije Imvaho Nshya aya makuru, avuga ko hari abantu babiri bafashwe mu bakekwaho uruhare mu guhungabanya umutekano bakanakomeretsa abanyerondo.

Yavuze ko hakiri n'abandi batatu bagishakishwa, gusa ngo abakomeretse bavuwe barataha.

Ati: "Ni byo koko ibyo bikimara kuba inzego z´umutekano zihutiye gutabara abakomerekejwe bajyanwa kwa muganga baravurwa aho umwe yakomerekejwe ikiganza, undi bamukubita ikibatira cy´umuhoro mu mbavu, ababigizemo uruhare iperereza ryahise ritangira ubu hari abantu babiri bamaze gutabwa muri yombi, ndetse abandi batatu baracyarimo gushakishwa. Naho umuturage wibwe we twamusabye gutanga ikirego, ubwo ibindi twabiharira iperereza."

CIP Kamanzi asaba abijandika mu bikorwa bihungabanya umutekano n´ituze by´abaturage kubireka kuko inzego z´umutekano na zo ziri maso.

Ati: "Polisi irasaba abitwikira amajoro bakumva ko bagomba guhungabanya umutekano n´ituze by'abaturage kubireka. Nibacire birarura kuko ntabwo bazabikora ngo tubakundire kandi ntaho ijisho ry'umutekano ritagera."

Ntabwo ari ubwa mbere aha mu Kagari ka Remera havugwa ikibazo cy´ubujura kuko hari n'umuturage baherutse gutera bamwiba amatungo arimo ihene aho batwaye inkuru hanyuma abana bayo babaca imitwe babata mu murima w´imyumbati.

Abaturage bavuga ko ababatera baje kubiba ari abaturuka mu bice bya Ruvumera na Rugarama cyane ahazwi nko mu Isi ya Cyenda, by'umwihariko hakaba hakunze kuvugwa ikibazo cy´abajura biganjemo abategera abantu mu nzira bakabambura ibyabo mu masaha ya nimugoroba.

# Amajyaruguru: Abarimu basabwe gusobanurira abanyeshuri ibijyanye n'imyororokere

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango (MIGEPROF), Uwimana Consolee, yasabye abarimu bo mu mashuri atandukanye mu Ntara y'Amajyaruguru gushyira imbaraga mu gusobanurira abanyeshuri ibijyanye n'imyororokere ya muntu, kuko uretse isuku, ari ingenzi mu kubaka ejo hazaza h'abana.***

Yabitangaje ubwo yari mu bukangurambaga bwiswe "Fresheri ku Ishuri", buri mu bikorwa bya Isuku Hose Campaign, aho yagaragaje impungenge z'uko hari abana benshi bagifite ubumenyi buke ku bijyanye n'imyororokere yabo, nyamara iri somo riri mu masomo bigishwa ku mashuri.



Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango, Uwimana Consolee yasabye ko hashyirwa imbaraga mu kwigisha imyororokere

Minisitiri Uwimana yavuze ko yatunguwe no gusanga hari abanyeshuri batazi neza ibijyanye n'imyororokere, asaba abarimu kudatsimbarara ku muco mu buryo bwababuza gutanga ubumenyi bukenewe ku buzima bw'abana.

Yavuze ko umuco nyarwanda nyakuri wubakwa binyuze mu gutegura neza abana, atari ukubahisha amakuru y'ingenzi ku buzima bwabo.

Ubwo yaganirizaga abanyeshuri bo ku ishuri Notre Dame de Fatima, Minisitiri yasanze bigaragara ko isomo ry'imyororokere ritarigishwa uko bikwiye cyangwa se abanyeshuri bakaba batararisobanukiwe neza.

Yagize ati: "Byagaragaye ko abana muri rusange bagifite urugendo rurerure rwo gusobanukirwa neza ibijyanye n'imyororokere. Ndashishikariza abarimu gukoresha uko bashoboye bakigisha iri somo mu buryo bwumvikana.

Iyo abantu badasobanukiwe imyororokere, ni ho usanga habaho inda zitateguwe n'izindi ngaruka zitandukanye. Niba ari ikibazo cy'ururimi, nibyigishwe mu Kinyarwanda ariko byumvikane."

Akomeza agira ati: "Si kuri iki kigo gusa, kuko aho nanyuze hose mu gihugu nasanze abana batarigishijwe iri somo neza. Bamwe mu barimu bumva ko kwigisha imyororokere ari ikimwaro, nyamara kudasobanurira abana bacu ibireba ubuzima bwabo ni ugutesha agaciro umuco aho kuwurinda."

Umwe mu barimu bo kuri iryo shuri, Dusengimana Marie Claire, yavuze ko bagerageza gusobanurira abanyeshuri ibijyanye n'imyororokere, asaba n'abandi barimu kubigira inshingano zabo nta pfunwe.

Yagize ati: "Kwigisha imyororokere ni ingenzi cyane mu kubaka Umunyarwanda w'ejo. Iyo abana basobanukiwe neza, birinda ingaruka nyinshi zituruka ku kutamenya umubiri wabo.

Ndasaba abarimu bagenzi banjye kudatinya cyangwa ngo bagire ipfunwe mu gihe bigisha iri somo, kuko riba rigamije kurengera abana. Ndasaba n'ababyeyi kugira uruhare mu gusobanurira abana babo ibijyanye n'imyororokere."

Bamwe mu babyeyi baganiriye na Imvaho Nshya, bavuze ko bagerageza kuganiriza abana babo ku bijyanye n'imyororokere, n'ubwo bemera ko hari aho bigora bamwe kubera isoni, cyane cyane mu gusobanura imyanya ndangagitsina n'uburyo ikora.

Umwe muri bo yagize ati*: "Nk'ababyeyi, tugerageza kuganiriza abana bacu ku bijyanye n'imyororokere, n'ubwo atari ibintu byoroshye kuri buri wese. Hari igihe bamwe bagira n'isoni, ipfunwe cyangwa ikimwaro, cyane cyane iyo ugiye gusobanura imyanya ndangagitsina n'uko ikora."*

*Yongeraho ati: "Ariko tuba tuzi ko kubasobanurira ari ingenzi, kuko iyo umwana atabimenye mu rugo ashobora kubyigira ahandi mu buryo butari bwiza. Ni yo mpamvu twumva ko n'ubwo bitugora, tugomba gutsinda isoni tukaganiriza abana bacu ku buzima bwabo.*

Gahunda ya Fresheri ku Ishuri ni imwe muri gahunda z'ubukangurambaga za Isuku Hose Campaign zigamije guteza imbere isuku mu gihugu hose. Yaherewe ku mashuri hashingiwe ku kuba umwana iyo afashe umuco akiri muto awukurana.

Mu Rwanda, ikibazo cy'igwingira mu bana gishobora guterwa n'impamvu zitandukanye zirimo n'isuku nkeya. Iyi gahunda yitezweho gufasha abana kumenya no gukurikiza indangagaciro z'isuku n'ubumenyi buzabagirira akamaro mu buzima bwabo bwose.

# Imbamutima z'urubyiruko rwahoze muri FDLR rwaje rwisanga mu Rwanda



**Urubyiruko rwavuye muri RDC ruvuga ko rwasanze urwo mu Rwanda rufite indangagaciro na kirazira z'Umunyarwanda**

NGABOYABAHIZI Protais

***Abasore n'inkumi bavukiye mu mashyamba ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), bagakurira mu ngengabitekerezo ya Jenoside, inzangano n'amacakubiri, bishimira ko kugera mu Rwanda byabahinduriye icyerekezo cy'imibereho, aho baje bisanga urungano rwabo rwarabasize mu cyerekezo cy'ubuzima bufite intego.***

Uru rubyiruko rwiganjemo urwahoze mu mutwe w'iterabwoba wa FDLR, ruvuga ko rukigera mu Rwanda rwasanze itandukaniro rikomeye hagati yarwo n'urubyiruko rwavukiye kandi rugakurira mu Rwanda nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Bamwe muri abo baherutse gutahuka nyuma yo gushyira intwaro hasi bagahabwa amasomo y'Uburere mboneragihugu mu cyiciro cya 75, bavuga ko bakiri mu mashyamba batozwaga kandi bakigishwa ingengabitekerezo zirimo iya Jenoside n'ivangura ry'amoko, ubwicanyi n'ubusahuzi, ku buryo ubuzima babagamo bwari bushingiye ku bwoba, urwango n'amakimbirane.

Dushime Jean Claude w'imyaka 23, ni umwe mu batahutse, akaba yari amaze imyaka 9 mu barwanyi ba FDLR.

Yagize ati: "Navukiye mu mashyamba, nkiri umwana muto nakuze numva amasasu, mbona urupfu nk'ikintu gisanzwe. Twigishwaga ko Umunyarwanda mugenzi wacu ari umwanzi, cyane cyane abo bita Abatutsi. Ariko ngeze mu Rwanda nasanze urubyiruko rungana nanjye rufite indangagaciro, rufite icyerekezo, rwigishijwe gukunda Igihugu n'abandi bantu. Byarantunguye kandi bimpindura mu mitekerereze."

Munyaneza Eric na we avuga ko urubyiruko basanze mu Rwanda rwababereye urugero rwiza: "Twahuye n'urubyiruko rutavangura, rutwigisha kubana n'abandi no kubaha ubuzima. Batweretse ko kuba Umunyarwanda bisobanuye gukorera hamwe, atari ukurwana, cyangwa se undi mwiryane."

Nyuma yo gutahuka, abo basore n'inkumi bavuga ko u Rwanda rwabafashe nk'abandi Banyarwanda bose, rubaha amahirwe angana n'abandi. Bamwe bahawe imirimo, aho hari abakora akazi k'irondo ry'umwuga bakagakorana n'urubyiruko basanze mu Rwanda, bakuzuzanya nta vangura iryo ari ryo ryose, bahembwa umushahara umwe bitewe n'akazi bakora, atari aho bakomoka.

Bavuga ko ubu babayeho neza, bafite ubufasha n'uburenganzira bungana n'ubw'abandi Banyarwanda, bakabona ko Igihugu kibafata nk'abana bacyo kitabarebeye ku mateka mabi banyuzemo.

Ku rundi ruhande, Uwase Aline umwe mu rubyiruko rwavukiye kandi rugakurira mu Rwanda nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, agaragaza ko bafata neza bagenzi babo batahutse.

Yagize ati: "Twabakiriye nk'abavandimwe. Tubigisha uko babana n'abantu, uko bakunda Igihugu, kandi tukabereka ko ubumwe bw'Abanyarwanda ari bwo nkingi y'iterambere. Iyo turi kumwe mu kazi cyangwa mu buzima busanzwe, nta tandukaniro tubona."

Perezidante wa Komisiyo y'Igihugu yo gusezerera no gusubiza mu buzima busanzwe abahoze ari abasirikare (RDRC) Nyirahabineza Valerie, ashimangira ko gahunda yo gusubiza mu buzima busanzwe abahoze mu ngabo ari igikorwa cy'ubumuntu n'ubwiyunge.

Ubwo harebwaga ishyirwa mu bikorwa ry'ibyo abagera ku 143 bahuguwe bize, imikoreshereze y'inkunga bahawe n'uko bisanze mu miryango yabo nyuma y'amezi atatu basezerewe, yasabye urubyiruko rwatahutse gukomeza kwitandukanya burundu n'ikibi, gukoresha amahirwe Igihugu kibaha no kuba intangarugero mu kubaka amahoro.

Yagize ati: "Urubyiruko rwatahutse turusaba gukomeza kwiyubaka, gukunda u Rwanda no kurangwa n'indangagaciro nziza. Naho urubyiruko rwavukiye mu miyoborere myiza, turusaba gukomeza kwakira bagenzi babo, kubabera urugero no kubigisha ko ubumwe ari bwo shingiro ry'iterambere n'ubumwe bw'Abanyarwanda."

Nyirahabineza yongeraho ko u Rwanda ruzakomeza gushyigikira buri wese wiyemeje kwitandukanya n'ikibi, rugaharanira ko Abanyarwanda bose, aho baturutse hose, babana mu mahoro, ubusabane n'iterambere rirambye.



**Iri rerero ryatangiye ari irya Leta, abaturage ntibazi uko ryahindutse iryigenga**

# Muhanga: Abaturage bambuwe Irerero rigakodeshwa itorero baratabaza

HABIMANA Eric

***Bamwe mu baturage bo mu Mudugudu wa Munyinya, Akagari ka Ruli, Umurenge wa Shyogwe mu Karere ka Muhanga, baratabaza nyuma y'uko Ishuri ry'inshuke biyubakiye ku bufatanye na Leta baryambuwe rikimara kuzura, Ubuyobozi bw'Akarere bugahitamo kurikodesha Itorero Eden Temple bikarangira rihindutse iryigenga.***

Bavuga kandi ko iri shuri rijya kubakwa aho mu Mudugudu wa Munyinya habanje kubakwa Umudugudu wubakiwe abatishoboye ari na ho baje kugira uruhare mu kubaka Urugo Mbonezamikurire y'Abana Bato (ECD) rwagombaga kuzajya rufasha abana bo muri uwo Mudugudu kubona aho bigira hafi.

Mu 2016, Akarere ka Muhanga kafashe iryo rerero ryakoraga nk'ishuri ry'inshuke karitiza Urwunge rw'Amashuri (GS) rwa Munyinya ndetse n'abarimu bazaga kuhigisha akaba ari ho bakurwa bishyurwa na Leta.

Nyuma ni bwo Akarere ka Muhanga kaje guhindura, iryo rerero rihabwa Itorero Eden Temple ariko ibintu byatangiye guhinduka kuko imikorere yahise ihinduka iy'amashuri yigenga mu kanya nk'ako guhumbya.

Mu byahindutse ni uko ababyeyi biganjemo abatishoboye batangiye kwishyuzwa amafaranga y'u Rwanda ibihumbi 10 kuri buri mwana, maze ababyeyi bamwe batangira kugorwa no kuharerera ndetse bamwe batangira kuhakura abana babo.

Abo baturage bavuga ko nyuma abana basigaye biga bacucitse ahandi bashakiwe muri GS Munyinya, abandi babyeyi bakaba barahisemo kujyana abana babo kwiga mu wundi Murenge wa Cyeza.

Nyuma y'igihe gito ya mafaranga yakuwe ku bihumbi 10 agezwa ku bihumbi 30 kuri buri mwana, ibyo bituma n'Umuyobozi wa GS Munyinya yarahisemo gukuramo abarimu bahembwaga na Leta abasubiza mu kigo ayoboye.

Umwe mubahoze ari abarimu kuri iryo rerero, avuga ko bababazwa no

KOMEZA KU RUP.19





# Muhanga: Abaturage bambuwe Irerero rigakodeshwa itorero baratabaza

IBIKURIKIRA URUP.18

kubona ukuntu abana biga babyigana, abandi bagakora urugendo bajya kwiga kure kandi Leta yari yabubakiye irerero hafi.

Ati: "Iri shuri ryari ryubatswe na Leta ifatanyije n´abaturage kuko bari babwiwe ko baryubakiwe ngo abana bige hafi, hari abatanzeho umuganda w´amaboko ndetse hari n´abatanze amafaranga, ariko icyatubabaje ni ukuntu twashidutse ishuri riri mu biganza bwa Eden Temple igahita irihindura iryigenga kandi atari cyo ryari ryubakiwe."

Akomeza avuga ko uru rusengero rujyamo rwakodesheje imyaka irindwi, irangiye Akarere kahise kabongera indi ari na bwo bukode barimo ubu, akavuga ko byakozwe mu cyita inyungu za bamwe mu bayobozi b´Akarere, si mu nyungu z´abaturage kuko ntacyo ribamariye.

Ati: "Ubu se niba abana biga mu ishuri ari 160, abandi bakiga ari 130, abo bana babarundanyije i Munyinya kuko Diregiteri wa GS Munyinya yari abuze uko agira agahitamo gushakira abana aho bigira, abana birirwa hanze kuko ni benshi ntiwamenya uwize n'utize, abandi bajya kwiga i Cyeza, ni mu wundi Murenge. Ibaze urwo rugendo umwana w´inshuke akora hejuru yuko iryo shuri ryari ribegerejwe ubuyobozi bwaryihereye umukire."

Undi muturage yagize ati: "Iri shuri mu by'ukuri cyari igisubizo tubonye, ariko ku bw´inyungu za bamwe ryabaye iryigenga, ibintu abaturage batinya no kuvugaho ngo baitabagiraho ingaruka. Aha ni ho umwe mu bayobozi b´Akarere atuye, aba ku rubuga rwa WhatsApp, icyo kibazo duhora tukivugaho ariko ntashobora kugira icyo atuvuganiraho, ikigaragara ni mu nyungu z´abantu runaka."

Ku ruhande rwa EdenTemple. Ubuyobozi ntibwahise bushaka kuvugana na Imvaho Nshya.

Umuyobozi wungirije w´Akarere ka Muhanga ushinzwe imibereho myiza Mugabo Gilbert, avuga ko abaturage bafite amahitamo menshi y'aho barerera abana babo mu gihe bidakunze muri ECD Munyinya.

Ati: "Ufite ikibazo ajyane umwana kuri G.S. Munyinya ni ho bigira ku udashoboye kujyana umwana kuri iyo ECD y´i Munyinya."

# Rutsiro: Yapfiriye mu murima w'umuturage yibagamo amabuye y'agaciro

BAHUWIYONGERA Sylvestre

***Ntawigenera w'imyaka 27 y'amavuko yagwiriwe n'igitaka cyaridukiye mu mwobo yacukuragamo amabuye y'agaciro mu buryo butemewe n'amategeko, mu isambu y'umuturage witwa Mukabera Claudine mu Mudugudu wa Ntonde, Akagari ka Kageyo, Umurenge wa Mukura, Akarere ka Rutsiro.***

Uwo musore na we bivugwa ko ari uwo muri uwo Mudugudu wabereyemo impanuka mu gihe byari bisanzwe bihwihwiswa ko iyo sambu yaguyemo ibamo amabuye y'agaciro

Umwe mu baturanyi ba nyiri iyo sambu, yagize ati: "Ntituzi niba yagiyemo nijoro cyangwa mugitondo cya kare, amakuru yamenyekanye mu ma saa mbiri z'igitondo cyo ku wa Gatandatu tariki ya 17 Mutarama 2026, atanzwe n'umuturage wahanyuze akabona hameze nk'ahahinzwe bidasanzwe bimeze nko gucukura ahacukurwaga hakariduka, aha amakuru Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari."




**Mu Murenge wa Mukura mu Karere ka Rutsiro hari uwacukuraga amabuye mu buryo butemewe ahasiga ubuzima**

Arakomeza ati: "Yanahamagaye nyir'umurima n'abandi baturage, baraza n'ubuyobozi, baracukura basangamo uriya musore yaburiyemo umwuka. Uko bigaragara yacukuye, yinjiyemo imbere nko muri metero eshatu aho yinjiriye harariduka, harafungana ahereramo umwuka yabuze umutabara."

Undi muturage yabwiye Imvaho Nshya ko gucukura mu buryo butemewe mu masambu y'abaturage atari bwo bwa mbere bibaye kuko hari n'abandi bitwikira ijoro bakajya gucukura mu mirima y'abaturage baba bazi ko bayahasanga.

Ati: "Akenshi bene abo barahagwa kuko kubera gucukurana igihunga, bacukura nabi imisozi ikabaridukira hakaba abo itaka ryirundaho ari ryinshi bakahaburira ubuzima ari byo dukeka ko byabaye kuri uriya musore"

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Mukura, Ndayambaje Emmanuel, yavuze ko bikimenyekana, Urwego rw'Ubugenzacyaha (RIB) rwahageze rugasanga icyo gitaka cyamugwiriye agapfa.

Yakomeje agira ati: "Turongera gusaba abaturage nk'uko duhora tubibasaba, kwirinda kujya mu masambu ya bagenzi babo ngo baracukuramo amabuye y'abaturage bitemewe kuko uretse ko ari no kuvogera umutungo w'abandi, ibikorwa nk'ibi bihanwa n'amategeko hataretse n'impanuka nk'izi bahagirira zabatwara ubuzima."

Yavuze ko ibyo kwigabiza imirima y'abaturage abantu bakayicukuramo amabuye y'agaciro bitari bisanzwe kuko muri uyu Murenge hari Kompanyi iyacukura byemewe, hakaba hagiye gukazwa ingamba ngo bihashywe burundu.

Umurambo wa Ntawigenera wahise ujyanwa mu Bitaro bya Murunda gukorerwa isuzuma rya muganga.

Imvaho Nshya Imyidagaduro

# Davido arashinjwa gutera ubwoba umwana yihakanye

MUTETERAZINA Shifah

***Rurageretse hagati y'umuhanzi w'icyamamare mu njyana ya Afrobeat Davido n'umwana w'imyaka 12 witwa Anuoluwapo Adeleke Mitchelle, uvuga ko ari umukobwa we, icyakora akagaragaza ko Davido amutera ubwoba ko azafungisha nyina.***

Byagaragajwe n'uwo mwana ku mbuga nkoranyambaga ze ubwo yasangizaga ibiganiro by'ibanga byo kuri Whatsap bigaragara ko yagiranye na Davido birimo amagambo akomeye Davido avuga ko atari we umubyara.

Muri ubwo butumwa hari aho Davido yagiraga ati: "Hagarika gukora ibyo bintu by'ubusazi. Nukomeza iyo mikino, nzafungisha nyoko. Sinzi so kandi si jyewe."

Anuoluwapo yakomeje avuga ko nyina ntaho ahuriye n'ibyo amusaba ko ibyo amubwira byose bishingiye ku busabe bwe bwite.

Mu gusubiza Davido yagize ati: "Si jye so, jya gushaka so. Ni ubwa nyuma mbivuze kandi ndakuburiye, ndakwinginze reka ubu busazi mbere y'uko ibintu biba bibi. Nakoze ibizamini bya ADN bitanu, ntabwo uri umwana wanjye."

Anuoluwapo amusabye ko amwereka ibisubizo nawe akazibyerebera Davido yamwemereye ko azabimwereka kandi azasobanukirwa neza.

Ati: "Yego, nzabikwereka ni bitanu. Ibitaro bibiri byatoranyijwe na nyoko ibindi bibiri byatoranyijwe na njye, byose byerekanye ko atari njye wakubyaye. Ibyo ni bine. Hanyuma hari ikizamini kimwe cyo mu myaka 10 ishize, ibyo si bitanu, ntabwo uri umwana wanjye.

Mumaze imyaka muntoteza, bigomba guhagarara. Nta mwana wanjye wa nyawe wakora byo murekere aho, nzabishyira hanze ejo, nzabishyira ku mbuga nkoranyamabaga no mu binyamakuru. Hanyuma nzajyana nyoko mu nkiko. Aratekereza ko ibyo ari umukino woroshye, nakomeza azabibona azajya muri gereza."

Kugeza ubu ntacyo Davido aravuga cyemeza ko ibyo biganiro ari iby'ukuri koko cyangwa niba yahimbiwe, icyakora ubwo butumwa bwakwirakwiye hose bukurura impaka ku bakoresha imbuga nkoranyambaga bamwe banenga uwo muhanzi abandi bamushyigikira.

Ibyo biganiro by'ibanga byo kuri Whatsapp (leaked chat) babishyize hanze kugira ngo bagaragaze uko uwo muhanzi yateye ubwoba nyina w'uwo mwana, amubwira ko ashobora kumufungisha kubera ibyo yise guhora amutoteza icyakora nyina w'umwana we akavuga ko ari ugukurikirana uburenganzira bw'umukobwa we.

Uwo mwana witwa Anuoluwapo Adeleke, Mitchelle yavutse mu 2014 aho kuri ubu afite imyaka 12 y'amavuko icyakora akaba ayigejeje atazi se.



**Umwangavu Anouluwapo Adeleke Mitchelle aterwa ubwoba na Davido yita se**

MUTETERAZINA Shifah

# Papa Sava Yakinnye filime ya mbere ahembwa 2 000 Frw

***Umukinnyi wa filime mu Rwanda, Niyitegeka Gratien uzwi ku mazina nka 'Papa Sava', 'Seburikoko', Sekaganda n'ayandi yatangaje ko bwa mbere akora ikiraka cyo gukina filime yahembwe ibihumbi bibiri by'amafaranga y'u Rwanda ariko bitigeze bimuca intege.***

Ni bimwe mu byo yagarutseho ashaka kugaragaza ko intangiriro y'ikintu ishobora kugorana kandi igatanga umusaruro muke ariko iyo ukora ibyo ukunda kandi ugahozaho nta kabuza bigenda neza.

Yabigarutseho mu ijoro ryo ku wa Kane tariki ya 15 Mutarama 2026, ubwo yari umutumirwa mu gace k'ikiganiro 'Meet Me Tonight' kagize igitaramo cy'urwenya Gen-Z Comedy.

Ubwo yari abajijwe niba yibuka amafaranga yakoreye mu kiraka cya mbere, Papa Sava yagize ati: "Mu kiraka cya mbere nahembwe amafaranga y'u Rwanda ibihumbi 2 n'Inkoranyamagambo (Dictionnaire).

Abajijwe niba yaba yarigeze guhura n'imbogamizi zatumye yumva yahagarika gukina filime avuga ko aho yaturutse bitari gushoboka kuko yari afite umwanzuro umwe gusa wo kwihambira agakora cyane kugeza igihe bikundiye.

Yagize ati: "I Kigali ntabwo ari iwacu nta sambu nari mfite munsi y'urugo rw'aho narincumbitse icyo nari nshoboye ni ugukina filime, sinzi iyo mbireka rero icyo nari gukora. Sinema si izina, ni urugendo, rusaba kwihangana, gukunda icyo ukora no kwizera ko ejo hazaza hashobora kuruta ejo hashize.

Urubyiruko rw'ubu rufite amahirwe menshi. Hari aho babyiga, hari n'inkunga Guverinoma y'u Rwanda ikomeje gushyira mu guteza imbere sinema. Ibyo twebwe dutangira tutigeze tubona."

Papa Sava yateguje ko vuba aha agiye gushyira hanze filime irangira ku nshuro ya mbere filime yise "What a Day"

Ati "Nashakaga gukora filime itandukanye n'izindi dusanzwe tubona. Ni filime ikurikira umuntu umwe n'ibimubaho mu munsi umwe, ni yo filime ya mbere nzaba nkoze irangira. Ni intambwe ikomeye kuri njye nk'umukinnyi wa filime."

Ni filime avuga ko ifite iminota 128, ikinwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda, ikaba ifite umwihariko wo gukurikira ubuzima bw'umuntu umwe, bitandukanye n'izindi filime nyinshi zikorwa mu Rwanda.

Biteganyijwe ko izamurikwa ku mugaragaro tariki ya 30 Mutarama 2026, mu birori bizabera muri Mundi Center, aho abazitabira bazinjira ari uko baguze amatike, akazanabihuza no kwizihiza imyaka 30 amaze mu buhanzi.



**Umukinnyi wa filime, Niyitegeka Gratien uzwi cyane cyane ku izina rya Papa Sava**





# Senegal yegukanye CAN 2025 itsinze Maroc mu mukino yivumbuyemo

SHEMA Ivan

***Ikipe y'Igihugu ya Senegal yegukanye Igikombe cya Afurika cya 2025, nyuma yo gutsinda iya Maroc igitego 1-0 mu mukino wakinwe iminota 120.***

Uyu mukino wa nyuma wabereye kuri Complexe Sportif Prince Moulay Abdellah iherereye mu mujyi wa Rabat, ku Cyumweru, tariki ya 18 Mutarama 2026.

Ni umukino witabiriwe n'abanyacyubahiro batandukanye nka Perezida w'Ishyirahamwe rya Ruhago ku Isi (FIFA), Gianni Infantino na Patrice Motsepe uyobora Impuzamashyirahamwe ya Ruhago muri Afurika (CAF).

Ikipe y'igihugu ya Senegal yatangiranye imbaraga nyinshi ndetse ibona koruneri ebyiri zikurikiranya ariko inanirwa kuzibyaza umusaruro.

Mu minota 30, umukino wakinirwaga cyane mu kibuga hagati nta kipe iratera ishoti rigana mu izamu.




**Senegal yegukanye igikombe cya CAN 2025**

Ku munota wa 35, Senegal yahushije igitego cyabazwe ku ishoti ryatewe na Iliman Ndiaye ari wenyine imbere yi'izamu, umupira ushyirwa muri koruneri n'umunyezamu Yassine Bono.



**Igitego cya Pape Gueye cyahesheje Senegal kwegukana igikombe cya Afurika cya 2025**



**Senegal yegukanye igikombe cya Afurika cya kabiri mu mateka**

Igice cya mbere cyarangiye amakipe yombi anganyije ubusa ku busa.

Ikipe y'igihugu ya Maroc yari mu rugo yagarukanye imbaraga mu gice cya kabiri itangira gusatira bikomeye.

Ku munota wa 58, Maroc yahushije igitego cyabazwe ku mupira watewe na rutahizamu Ayoub El Kaabi wari wenyine imbere y'izamu ku mahirwe make ye ujya hanze.

Iyi kipe yakomeje gusatira cyane harimo uburyo bwabonywe na Abdessamad Ezzalzouli ariko ntiyabubyaza umusaruro.

Ku munota wa 77, Senegal yakoze impinduka mu kibuga ishyiramo Abdoulaye Seck, Ismaila Sarr, Cherif Ndiaye na Ibrahim Mbaye ikuramo Antoine Mendy, Lamine Camara, Nicolas Jackson na Iliman Ndiaye.

Ku munota wa 89, Ibrahim Mbaye yateye ishoti rikomeye ari mu rubuga rw'amahina ku bw'amahirwe make ukurwaho n'umunyezamu Yassine Bono.

Mbere y'uko umukino urangira Umusifuzi wa kane yongeyeho iminota umunani y'inyongera.

Ku munota wa 90+7, El Hadji Malick Diouf yashyize hasi Brahim Díaz mu rubuga rw'amahina, umusifuzi yifashishije VAR yemeza ko ari penaliti.

Iki cyemezo nticyavuzweho rumwe, umutoza wa Sénégal, Pape Thiaw yahise abwira abakinnyi be gusohoka mu kibuga bakava mu mukino, mu gihe Sadio Mané we yababwiraga kujya mu kibuga bakongera bagakina, nyuma y'uko na we avuganye n'umunyabigwi w'iyi kipe, El Hadji Diouf.

Iyi penaliti yatewe na Brahim Diaz, ashyira umupira mu maboko y'umuzamu Edward Mendy.

Iminota 90 Isanzwe uyu mukino warangiye amakipe yombi anganyije ubusa ku busa, hitabazwa Iminota 30 y'inyongera.

Ku munota wa 90+4, Senegal yafunguye amazamu ku mupira wazamukanywe na Sadio Mane, awuha Pape Gueye atera ishoti rikomeye ari mu rubuga rw'amahina, umunyezamu Yassine Bono ananirwa kuwukoraho ujya mu izamu.

Maroc yageregeje gushaka igitego cyo kwishyura ariko biranga, Senegal itsinze igitego 1-0, yegukana Igikombe cya Afurika ku nshuro ya ya kabiri, aho yagiherukaga mu 2021 itsinda Misiri penaliti 4-2.

Sadio Mane, ni we wabaye umukinnyi mwiza w'irushanwa, Umunyezamu Mwiza yabaye Yassine Bono w'Ikipe y'Igihugu ya Maroc.

Brahim Diaz wa Maroc, yabaye umukinnyi watsinze ibitego byinshi, aho afite bitanu yatsinze mu mikino irindwi.

Igikombe cya Afurika gitaha kizaba mu 2027, aho kizakinirwa muri Afurika y'Iburasirazuba nyuma y'imyaka 50 aho kizabera muri Tanzania, Kenya na Uganda.

Imvaho Nshya
# Siporo

**NO .E-48 TARIKI 13 - 19 MUTARAMA 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw**

# Perezida Kagame yarebye umukino wa nyuma w'Igikombe cya Afurika cya 2025



**Perezida Paul Kagame, yashimiye Ikipe y'Igihugu ya Senegal yegukanye Igikombe cya Afurika cya 2025**

**SHEMA Ivan**

***Perezida Paul Kagame yarebye umukino wa nyuma w'Igikombe cya Afurika cya 2025, warangiye Senegal yegukanye igikombe ku nshuro ya kabiri mu mateka.***

Uyu mukino wa nyuma wabaye mu ijoro ryo ku Cyumweru, tariki ya 18 Mutarama 2026, kuri Prince Moulay Abdellah Stadium, warangiye Senegal yatsinze Maroc igitego 1-0.

Perezida Kagame ni umwe mu banyacyubahiro bakurikiranye uyu mukino ari kumwe Perezida wa FIFA, Gianni Infantino, Perezida wa CAF, Patrice Motsepe, Perezida wa Komisiyo y'Umuryango wa AU, Mahmoud Ali Youssouf, Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri ya Siporo, Rwego Ngarambe na Ambasaderi w'u Rwanda muri Maroc, Amb. Shakilla umutoni na Perezida wa FERWAFA, Shema Ngoga Fabrice.

Muri uyu mikino Igice cya mbere cyarangiye amakipe yombi anganyije ubusa ku busa.

Mu igice cya kabiri, Maroc yagarukanye imbaraga nyinshi ndetse ku munota wa 58, yahushije igitego cyabazwe ku mupira watewe na rutahizamu Ayoub El Kaabi wari wenyine imbere y'izamu ku mahirwe make ujya hanze.

Iminota 90 isanzwe y'umukino yarangiye amakipe yombi anganyije ubusa ku busa hitabazwa 30 y'inyongera.

Ku munota wa 90+4' Senegal yafunguye amazamu ku mupira wazamukanywe na Sadio Mane, uwaha Pape Gueye atera ishoti rikomeye ari mu rubuga rw'amahina, umunyezamu Yassine Bono ananirwa kuwukoraho ujya mu izamu.

Maroc yagerageje gushaka igitego cyo kwishyura ariko biranga, umukino urangira Senegal itsinze igitego 1-0 yegukana igikombe cya Afurika ku nshuro ya kabiri, yagiherukaga mu 2021 itsinda Misiri penaliti 4-2 nyuma yo kunganya 0-0 mu minota 120.

Ibinyujije ku rukuta rwe X, Perezida Paul Kagame yavuze ko Sénégal yatsinze ibikwiriye, ashimangira ko Maroc nayo itari mbi.

Ati: "Ndashimira Intare za Teranga ku bw'intsinzi ya AFCON bari bakwiriye, ni intambwe iteye ishema igaragaza kudacogora, gushyira hamwe, ubumwe n'ubudashyikirwa. Ndashimira kandi Maroc ku musaruro mwiza yagaragaje muri iri rushanwa ryari riteguye neza, ndetse nkabashimira n'uburyo bakiriye abantu."

Igikombe cya Afurika gitaha kizaba mu 2027, aho kizakinirwa muri Afurika y'Iburasirazuba nyuma y'imyaka 50 aho kizabera muri Tanzania, Kenya na Uganda.



**Perezida Kagame aganira na Infantino wa FIFA na Motsepe wa CAF**